

Umwaka wa 48 n° 52 bis
28 Ukuboza 2009



Year 48 n°52 bis
28 December 2009

48^{ème} Année n° 52 bis
28 décembre 2009

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda	Official Gazette of the Republic of Rwanda	Journal Officiel de la République du Rwanda
---	---	--

Ibirimo/Summary/Sommaire

Page/Urup.

Amategeko /Laws/Lois

N°32/2009 ryo kuwa 18/11/2009

Itegeko ryerekeye inyandiko zishobora gucuruzwa..... 3

N°32/2009 of 18/11/2009

Law governing negotiable instruments..... 3

N°32/2009 du 18/11/2009

Loi relative aux titres négociables..... 3

N°33/2009 ryo kuwa 18/11/2009

Itegeko ryerekeye intwaro.....83

N°33/2009 of 18/11/2009

Law relating to arms83

N°33/2009 du 18/11/2009

Loi portant régime des armes..... 83

ITEGEKO N°32/2009 RYO KUWA
18/11/2009 RYEREKEYE INYANDIKO
ZISHOBORA GUCURUZWA

LAW N°32/2009 OF 18/11/2009
GOVERNING NEGOTIABLE
INSTRUMENTS

LOI N°32/2009 DU 18/11/2009
RELATIVE AUX TITRES
NEGOCIABLES

ISHAKIRO

TABLES OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER :
DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko
rigamije

Article one: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2 : Définitions

Ingingo ya 3: Gushyira umukono ku
nyandiko icuruzwa

Article 3: Signature on a negotiable
instrument

Article 3 : Signature sur un titre
négociable

Ingingo ya 4: Kugira agaciro kw'inyandiko
icuruzwa itanzwe n'ikigo cy'ubucuruzi

Article 4: Validity of a negotiable
instrument issued by a corporation

Article 4: Validité d'un titre négociable
émis par une entreprise commerciale

Ingingo ya 5: Kudakora kwa banki ku
munsi w'akazi

Article 5: Where bank does not open for
business

Article 5 : Fermeture de la banque au
jour ouvrable

Ingingo ya 6: Gukurikiza amategeko

Article 6: Application of Civil Code

Article 6 : Application des dispositions du

mbonezamubano

code civil

Ingingo ya 7: Ikimenyetso cy'inyandiko mvaho yemeza ko inyandiko itishyuwe

Article 7: Protest evidence for a negotiable instrument

Article 7: Preuve de protêt d'un titre négociable

UMUTWE WA II: INGINGO ZIHURIWEHO MU MIKORESHEREZE YA SHEKI, INYANDIKO NTEGEKABWISHYU N'INYANDIKO NSEZERANYABWISHYU

CHAPTER II: COMMON PROVISIONS TO CHEQUE, BILL OF EXCHANGE AND PROMISSORY NOTE

CHAPITRE II: DISPOSITIONS COMMUNES A L'USAGE DU CHEQUE, DE LA LETTRE DE CHANGE ET DU BILLET A ORDRE

Ingingo ya 8: Ibyo inyandiko icuruzwa igomba kuba yujuje

Article 8 : Requirements for a negotiable instrument

Article 8 : Conditions pour un titre négociable

Ingingo ya 9: Inyandiko icuruzwa yishyurwa hari igikorwa kibanje kubaho

Article 9: Negotiable Instrument payable on contingency

Article 9 : Titre négociable payable en cas d'éventualité

Ingingo ya 10: Uwishyurwa, nyir'inyandiko n'uwishyura

Article 10: Payee, drawer and payer

Article 10 : Bénéficiaire, tireur et tiré

Ingingo ya 11: Abishyurwa babiri cyangwa barenze

Article 11: Two or more payees

Article 11 : Deux ou plusieurs bénéficiaires

Ingingo ya 12: Amagambo abuza ihererekanya ry'inyandiko zicuruzwa

Article 12: Words prohibiting endorsement of negotiable instruments

Article 12: Clause interdisant l'endossement des titres négociables

Ingingo ya 13: Inyandiko icuruzwa yishyurwa ku wo yanditseho cyangwa uyitwaje

Article 13: Negotiable instrument payable to order or to bearer

Article 13 : Titre payable à ordre ou au porteur

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

<u>Ingingo ya 14:</u> Inyandiko icuruzwa yishyurwa uyitwaje	<u>Article 14:</u> Negotiable instrument payable to bearer	<u>Article 14 :</u> Titre négociable payable au porteur
<u>Ingingo ya 15:</u> Igaragazwa ry'uwishyurwa	<u>Article 15:</u> Indication of payee	<u>Article 15 :</u> Désignation du bénéficiaire
<u>Ingingo ya 16:</u> Inyandiko igaragaza uwishyurwa	<u>Article 16:</u> Instrument payable to order	<u>Article 16 :</u> Titre payable à ordre
<u>Ingingo ya 17:</u> Iyishyurwa ryasabwe	<u>Article 17:</u> Payment on demand	<u>Article 17 :</u> Paiement sur demande
<u>Ingingo ya 18:</u> Inyandiko yahererekanyijwe yagejeje igihe cyo kwishyurwa	<u>Article 18:</u> Endorsed instrument when overdue	<u>Article 18:</u> Endossement d'un titre après échéance
<u>Ingingo ya 19:</u> Inyandiko izishyurwa mu gihe kizwi	<u>Article 19:</u> Instrument payable at a determined time	<u>Article 19:</u> Titre payable à une échéance déterminée
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyandiko icuruzwa yandikiwe mu Gihugu	<u>Article 20:</u> Inland negotiable instrument	<u>Article 20 :</u> Titre négociable émis au pays
<u>Ingingo ya 21:</u> Inyandiko icuruzwa yakorewe mu mahanga	<u>Article 21:</u> Foreign negotiable instrument	<u>Article 21:</u> Titre négociable émis à l'étranger
<u>Ingingo ya 22:</u> Umubare w'amafaranga ugaragajwe neza	<u>Article 22:</u> Sum certain	<u>Article 22:</u> Somme précise

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

<u>Ingingo ya 23:</u> Kwandika mu mibare no mu nyuguti	<u>Article 23:</u> Sum in figure and words	<u>Article 23 :</u> Montant en chiffres et en lettres
<u>Ingingo ya 24:</u> Kubara inyungu	<u>Article 24:</u> Calculation of interests	<u>Article 24:</u> Calcul des intérêts
<u>Ingingo ya 25:</u> Itariki nyakuri	<u>Article 25:</u> True date	<u>Article 25 :</u> Date véritable
<u>Ingingo ya 26:</u> Iminsi isonerwa kwishyurwa	<u>Article 26:</u> Grace days	<u>Article 26:</u> Jours de grâce
<u>Ingingo ya 27:</u> Uko habarwa umunsi wa nyuma wo kwishyura inyandiko zicuruzwa	<u>Article 27:</u> Computation of the last day of payment of a negotiable instrument	<u>Article 27:</u> Détermination de l'échéance de paiement d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 28:</u> Igihe ntarengwa cy'ubwishyu	<u>Article 28:</u> Due date of payment	<u>Article 28:</u> Date d'échéance de paiement
<u>Ingingo ya 29:</u> Abafite ububasha bwo gukora amasezerano y'inyandiko icuruzwa	<u>Article 29:</u> Persons with the capacity to enter into contract related to a negotiable instrument	<u>Article 29:</u> Personnes ayant la capacité de s'engager en matière de titre négociable
<u>Ingingo ya 30:</u> Imiryango ifite ubuzimagatozi	<u>Article 30:</u> Legal entities	<u>Article 30:</u> Personnes morales
<u>Ingingo ya 31:</u> Ingaruka zo kutagira ububasha ku nyandiko icuruzwa	<u>Article 31:</u> Effects of lack of capacity on negotiable instrument	<u>Article 31 :</u> Effets d'incapacité d'une partie en matière de titre négociable

<u>Ingingo ya 32:</u> Ishingiro ry'inyandiko icuruzwa	<u>Article 32:</u> Basis for a negotiable instrument	<u>Article 32:</u> Base d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 33:</u> Ufite inyandiko icuruzwa ishingiye ku nyungu	<u>Article 33:</u> Holder of a negotiable instrument for value	<u>Article 33:</u> Détenteur d'un titre négociable à titre onéreux
<u>Ingingo ya 34:</u> Ufite inyandiko icuruzwa wujuje ibisabwa	<u>Article 34:</u> Holder of a negotiable instrument in due course	<u>Article 34:</u> Détenteur régulier d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 35:</u> Inenge y'inyandiko icuruzwa	<u>Article 35:</u> Defective negotiable instrument	<u>Article 35:</u> Vice de titre négociable
<u>Ingingo ya 36:</u> Uburenganzira bw'ufite inyandiko icuruzwa mu buryo bwemewe n'ubwo atariwe yanditseho	<u>Article 36:</u> Rights of holder of a negotiable instrument whose name is not mentioned	<u>Article 36:</u> Droits du détenteur d'un titre négociable qui n'indique pas son nom
<u>Ingingo ya 37:</u> Inyandiko icuruzwa ifatwa nk'inkimenyetso gishingiye ku nyungu	<u>Article 37:</u> Negotiable instrument presumed for value	<u>Article 37:</u> Titre négociable présumé à titre onéreux
<u>Ingingo ya 38:</u> Uwo inyandiko icuruzwa yitirirwa	<u>Article 38:</u> Presumed holder of a negotiable instrument	<u>Article 38:</u> Détenteur présumé d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 39:</u> Gucuruza inyandiko hifashishijwe kuyihererekanya	<u>Article 39:</u> Negotiation of instrument by endorsement	<u>Article 39:</u> Négociation d'un titre par endossement

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

<u>Ingingo ya 40</u> : Gucuruza inyandiko hifashishijwe ishyikirizwa	<u>Article 40</u> : Negotiation instrument by delivery	of	an	<u>Article 40</u> : Négociation d'un titre par livraison
<u>Ingingo ya 41</u> : Gucuruza inyandiko ifite uwo yanditseho	<u>Article 41</u> : Negotiation instrument payable to order	of	an	<u>Article 41</u> : Négociation d'un titre payable à ordre
<u>Ingingo ya 42</u> : Ukwegurira undi inyandiko hashyizweho umukono inyuma bikoze n'uhagarariye undi	<u>Article 42</u> : Endorsement representative	by		<u>Article 42</u> : Endossement à titre de représentant
<u>Ingingo ya 43</u> : Agaciro k'inyandiko icuruzwa yeguriwe undi ishyirwaho umukono inyuma	<u>Article 43</u> : Value of an endorsed negotiable instrument		of	<u>Article 43</u> : Valeur d'un titre négociable endossé
<u>Ingingo ya 44</u> : Umugereka cyangwa kopi z'inyandiko	<u>Article 44</u> : Allonge or copy of an instrument			<u>Article 44</u> : Allonge ou copie du titre
<u>Ingingo ya 45</u> : Abishyurwa babiri cyangwa benshi	<u>Article 45</u> : Two or more payees			<u>Article 45</u> : Deux ou plusieurs bénéficiaires
<u>Ingingo ya 46</u> : Imikurikiranire y'abeguriwe inyandiko	<u>Article 46</u> : Order of endorsees			<u>Article 46</u> : Ordre des endossataires
<u>Ingingo ya 47</u> : Kwishyura hatitawe ku nkomyi	<u>Article 47</u> : Payment by disregarding condition			<u>Article 47</u> : Paiement sans tenir compte de la condition

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

<u>Ingingo ya 48:</u> Uburyo ry'inyandiko hashyizweho umukono inyuma rikorwa	<u>Article 48:</u> Mode of endorsement	<u>Article 48:</u> Mode d'endossement
<u>Ingingo ya 49:</u> Igihe inyandiko itanganywe amabwiriza	<u>Article 49:</u> Restrictive endorsement	<u>Article 49:</u> Endossement restrictif
<u>Ingingo ya 50:</u> Irangira ry'icuzwa ry'inyandiko	<u>Article 50:</u> Cessation of negotiability of an instrument	<u>Article 50:</u> Fin de la négociabilité d'un titre
<u>Ingingo ya 51:</u> Icuruzwa ry'inyandiko irengeje igihe cyo kwishyura	<u>Article 51:</u> Overdue negotiable instrument	<u>Article 51:</u> Titre négociable après échéance
<u>Ingingo ya 52:</u> Uburenganzira n'ubushobozi bw'uwitwaje inyandiko icuzwa	<u>Article 52:</u> Rights and powers of bearer of negotiable instrument	<u>Article 52:</u> Droits et pouvoirs du porteur d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 53:</u> Kwerekana inyandiko kugira ngo yishyurwe	<u>Article 53:</u> Presentment of the instrument for payment	<u>Article 53:</u> Présentation d'un titre pour paiement
<u>Ingingo ya 54:</u> Ahantu hemewe kwerekana inyandiko icuzwa	<u>Article 54:</u> Place authorised for presentment of a negotiable instrument	<u>Article 54:</u> Lieu autorisé de présentation du titre négociable
<u>Ingingo ya 55:</u> Kwerekana inyandiko icuzwa ngo yishyurwe igihe cyararenze	<u>Article 55:</u> Late presentment of a negotiable instrument for payment	<u>Article 55:</u> Présentation tardive d'un titre négociable au paiement
<u>Ingingo ya 56:</u> Iyo kwerekana inyandiko icuzwa bitakiri ngombwa	<u>Article 56:</u> Case when presentment of a negotiable instrument is dispensed with	<u>Article 56:</u> Cas de dispense de présentation d'un titre négociable

<u>Ingingo ya 57:</u> Iyo ntaho inyandiko icuruzwa yateganyirijwe kwishyurirwa	<u>Article 57:</u> Where no place is specified for payment of a negotiable instrument	<u>Article 57:</u> Absence d'indication du lieu de paiement d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 58:</u> Iyo inyandiko icuruzwa yateganyirijwe aho kwishyurirwa	<u>Article 58:</u> Where the instrument specifies place of payment	<u>Article 58:</u> Lorsque le titre indique le lieu de paiement
<u>Ingingo ya 59:</u> Kwegurira inyandiko icuruzwa nyuma yo kwishyura	<u>Article 59:</u> Delivery of a negotiable instrument after payment	<u>Article 59:</u> Remise du titre négociable après paiement
<u>Ingingo ya 60:</u> Inyandiko icuruzwa yanze kwishyurwa	<u>Article 60:</u> Negotiable instrument dishonoured by non-payment	<u>Article 60:</u> Refus de paiement d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 61:</u> Imenyekanisha ry'ihakanwa ry'inyandiko icuruzwa	<u>Article 61:</u> Notice of dishonour of a negotiable instrument	<u>Article 61:</u> Notification de refus d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 62:</u> Ibisabwa kugira ngo imenyekanisha ry'ihakanwa ry'inyandiko icuruzwa rifatwe nk'irifite agaciro	<u>Article 62:</u> Conditions for validity of notice of dishonour of a negotiable instrument	<u>Article 62:</u> Conditions de validité de notification de refus d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 63:</u> Uburyo imenyekanisha ry'ihakana ry'inyandiko icuruzwa bukorwa	<u>Article 63:</u> Mode of notice of dishonour of a negotiable instrument	<u>Article 63:</u> Modalités de notification de refus d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 64:</u> Imiterere y'imenyeshya	<u>Article 64:</u> Form of notice	<u>Article 64:</u> Forme de la notification

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

<u>Ingingo ya 65:</u> Imenyasha rikorewe abahererekanyije inyandiko mbere	<u>Article 65:</u> Notice to prior endorsers	<u>Article 65:</u> Notification faite aux endosseurs antérieurs
<u>Ingingo ya 66:</u> Aho imenyekanisha ry'ihakana ry'inyandiko icuruzwa rikorerwa	<u>Article 66:</u> Where the notice of dishonour of a negociable instrument is made	<u>Article 66:</u> Lieu où la notification de refus du titre négociable est faite
<u>Ingingo ya 67:</u> Ibura ry'imenyekanisha ryanyujijwe mu itumanaho	<u>Article 67:</u> Miscarriage of notice through means of communication	<u>Article 67:</u> Perte de notification transmise par voie de communication
<u>Ingingo ya 68:</u> Ubukerererwe bushobora kwihanganirwa	<u>Article 68:</u> Excusable delay	<u>Article 68:</u> Retard excusable
<u>Ingingo ya 69:</u> Imenyekanisha riba ritakiri ngombwa ku wishyurwa	<u>Article 69:</u> Dispensation from notice to payee	<u>Article 69:</u> Dispense de notification à l'égard du bénéficiaire
<u>Ingingo ya 70:</u> Imenyekanisha riba ritakiri ngombwa kuri nyir'inyandiko	<u>Article 70:</u> Dispensation from notice to drawer	<u>Article 70:</u> Dispense de notification à l'égard du tireur
<u>Ingingo ya 71 :</u> Kutemerwa kw'inyandiko ntegekabwishyu mvamahanga	<u>Article 71:</u> Dishonour of foreign bill of exchange	<u>Article 71:</u> Refus d'une lettre de change émise à l'étranger
<u>Ingingo ya 72:</u> Kutemerwa kw'inyandiko icuruzwa yakorewe mu Gihugu	<u>Article 72:</u> Dishonour of an instrument made within the country	<u>Article 72:</u> Refus d'un titre négociable émis au pays
<u>Ingingo ya 73:</u> Inyandikomvaho	<u>Article 73:</u> Subsequent protest for non-	<u>Article 73:</u> Protêt ultérieur faute de

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

ry'iyishyura rikurikiye kutemerwa	payment	paiement
<u>Ingingo ya 74</u> : Inshingano zizyanye no kwemera inyandiko icuruzwa	<u>Article 74</u> : Engagement by acceptance of a negotiable instrument	<u>Article 74</u> : Engagement par acceptation d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 75</u> : Kutisubiraho	<u>Article 75</u> : Estoppel	<u>Article 75</u> : Estoppel
<u>Ingingo ya 76</u> : Uwatanze inyandiko	<u>Article 76</u> : Drawer	<u>Article 76</u> : Tireur
<u>Ingingo ya 77</u> : Inkurikizi zo gushyiraho umukono	<u>Article 77</u> : Effects of signature	<u>Article 77</u> : Effets de la signature
<u>Ingingo ya 78</u> : Gushyiraho umukono mu izina ry'isosiyete	<u>Article 78</u> : Signing in a company name	<u>Article 78</u> : Signature au nom d'une société
<u>Ingingo ya 79</u> : Ingano y'indishyi	<u>Article 79</u> : Amount of compensation	<u>Article 79</u> : Montant des dommages-intérêts
<u>Ingingo ya 80</u> : Igaruza ry'inyungu	<u>Article 80</u> : Recovery of compensation	<u>Article 80</u> : Recouvrement des dommages-intérêts
<u>Ingingo ya 81</u> : Ubwishyu bukurikije amategeko	<u>Article 81</u> : Payment in due course	<u>Article 81</u> : Paiement régulier
<u>Ingingo ya 82</u> : Kureka gukurikirana	<u>Article 82</u> : Renunciation	<u>Article 82</u> : Renonciation
<u>Ingingo ya 83</u> : Iteshagaciro ry'inyandiko icuruzwa	<u>Article 83</u> : Cancellation of a negotiable instrument	<u>Article 83</u> : Annulation d'un titre négociable

<u>Ingingo ya 84:</u> Iteshagaciro ritagambiriwe	<u>Article 84:</u> Unintentional cancellation	<u>Article 84:</u> Annulation non intentionnelle
<u>Ingingo ya 85:</u> Ihindurwa ry'inyandiko icuruzwa	<u>Article 85:</u> Alteration of a negotiable instrument	<u>Article 85:</u> Altération d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 86:</u> Ihindurwa ry'inyandiko icuruzwa mu mimerere yayo	<u>Article 86:</u> Material alteration of a negotiable instrument	<u>Article 86:</u> Altération substantielle d'un titre négociable
<u>Ingingo ya 87:</u> Inshingano zo kugira kopi y'inyandiko icuruzwa yatakaye	<u>Article 87:</u> Obligation to have duplicate of lost negotiable instrument	<u>Article 87:</u> Obligation de conserver la copie d'un titre négociable perdu
<u>UMUTWE WA III: INYANDIKO NTEGEKABWISHYU</u>	<u>CHAPTER III: BILL OF EXCHANGE</u>	<u>CHAPITRE III : LETTRE DE CHANGE</u>
<u>Ingingo ya 88:</u> Igisobanuro cy'inyandiko ntegekabwishyu	<u>Article 88:</u> Definition of bill of exchange	<u>Article 88:</u> Définition d'une lettre de change
<u>Ingingo ya 89:</u> Inyandiko ntegekabwishyu itujuje ibisabwa	<u>Article 89:</u> Bill of exchange that does not comply with the requirements	<u>Article 89:</u> Lettre de change qui ne remplit pas les exigences
<u>Ingingo ya 90:</u> Umukemurampaka	<u>Article 90:</u> Referee	<u>Article 90:</u> Recommandataire
<u>Ingingo ya 91:</u> Ukwemera inyandiko ntegekabwishyu	<u>Article 91:</u> Acceptance of a bill of exchange	<u>Article 91:</u> Acceptation d'une lettre de change
<u>Ingingo ya 92:</u> Ukwibeshya bigaragara mu izina ry'uwishyura	<u>Article 92:</u> Error in the name of the payer	<u>Article 92:</u> Erreur sur le nom du tiré
<u>Ingingo ya 93:</u> Ibisabwa kugira ngo ukwemera inyandiko ntegekabwishyu kugire agaciro	<u>Article 93:</u> Requirements for a valid acceptance of a bill of exchange	<u>Article 93:</u> Conditions de validité d'acceptation d'une lettre de change

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

<u>Ingingo ya 94:</u> Ukwemera rusange cyangwa guherekejwe n'inkomyi	<u>Article 94:</u> General or restrictive acceptance	<u>Article 94:</u> Acceptation générale ou restrictive
<u>Ingingo ya 95:</u> Ukwemera kuzuye kudashobora guseswa	<u>Article 95:</u> Irrevocability of acceptance	<u>Article 95 :</u> Irrévocabilité de l'acceptation
<u>Ingingo ya 96:</u> Abagomba gushyikiriza inyandiko ntegekabwishyu	<u>Article 96:</u> Presentors of a bill of exchange	<u>Article 96:</u> Ceux qui doivent présenter une lettre de change
<u>Ingingo ya 97:</u> Ubukerererwe bwihanganirwa mu kwerekana inyandiko ntegekabwishyu	<u>Article 97:</u> Excusable late presentment of a bill of exchange	<u>Article 97:</u> Présentation tardive excusable d'une lettre de change
<u>Ingingo ya 98:</u> Ibigomba kubahirizwa mu iyerekana ry'inyandiko ntegekabwishyu kugira ngo yemerwe	<u>Article 98:</u> Conditions for presenting a bill of exchange for acceptance.	<u>Article 98:</u> Conditions de présentation d'une lettre de change pour acceptation
<u>Ingingo ya 99:</u> Igihe cy'iyemerwa ry'inyandiko ntegekabwishyu	<u>Article 99:</u> Time for acceptance of a bill of exchange	<u>Article 99:</u> Délai d'acceptation d'une lettre de change
<u>Ingingo ya 100:</u> Itariki yo kwemera inyandiko ntegekabwishyu	<u>Article 100:</u> Date of acceptance of a bill of exchange	<u>Article 100:</u> Date de l'acceptation d'une lettre de change
<u>Ingingo ya 101:</u> Gukurikirana uwatanze inyandiko cyangwa abayiherekeranyije	<u>Article 101:</u> Recourse against drawer or endorsers	<u>Article 101:</u> Recours contre le tireur ou les endosseurs
<u>Ingingo ya 102:</u> Kwanga iyemerwa riherekejwe n'inkomyi	<u>Article 102:</u> Refusal of restrictive acceptance	<u>Article 102:</u> Refus d'une acceptation restrictive

<u>Ingingo ya 103:</u> Gutakaza uburenganzira bwo gukurikirana nyir'inyandiko ituzuye n'abayiherekanyije	<u>Article 103:</u> Loss of right to recourse against drawer and endorsers of an incomplete bill of exchange	<u>Article 103:</u> Perte du droit de recours contre le tireur et les endosseurs d'une lettre de change incomplète
<u>Ingingo ya 104:</u> Kwemerwa kugobokewe kw'inyandiko ntegekabwishyu	<u>Article 104:</u> Acceptance of a bill of exchange for honour	<u>Article 104:</u> Acceptation d'une lettre de change par intervention
<u>Ingingo ya 105:</u> Ibisabwa ukwemera kugobokewe	<u>Article 105:</u> Requirements for acceptance for honour	<u>Article 105:</u> Conditions de l'acceptation par intervention
<u>Ingingo ya 106:</u> Inshingano z'uwigobotse	<u>Article 106:</u> Liability of acceptor for honour	<u>Article 106:</u> Engagement de l'intervenant
<u>Ingingo ya 107:</u> Ubwishyu bugobokewe	<u>Article 107:</u> Payment for honour	<u>Article 107:</u> Paiement par intervention
<u>Ingingo ya 108:</u> icyemezo cy'ubwishyu bugobokewe	<u>Article 108:</u> Attestation of payment for honour	<u>Article 108:</u> Attestation du paiement par intervention
<u>Ingingo ya 109:</u> Kwishyura no gusimbura	<u>Article 109:</u> Payment and subrogation	<u>Article 109:</u> Paiement et subrogation
<u>UMUTWE WA IV: SHEKI</u>	<u>CHAPTER IV: CHEQUE</u>	<u>CHAPITRE IV : CHEQUE</u>
<u>Ingingo ya 110:</u> Igisobanuro cya sheki	<u>Article 110:</u> Definition of a cheque	<u>Article 110:</u> Définition d'un chèque
<u>Ingingo ya 111:</u> Sheki yatanzwe mbere cyangwa nyuma y'itariki iyanditseho	<u>Article 111:</u> Antedated or post-dated cheque	<u>Article 111:</u> Chèque antidaté ou postdaté
<u>Ingingo ya 112:</u> Uburyo bwo kwishyura sheki	<u>Article 112:</u> Mode of payment of a cheque	<u>Article 112:</u> Modalités de paiement

d'un chèque

Ingingo ya 113: Igihe sheki imara

Article 113: Duration of a cheque

Article 113 : Durée de validité d'un chèque

Ingingo ya 114: Ugomba kwerekana sheki n'uwo igomba kwerekwa

Article 114: Person who must present the cheque and the person to whom the cheque is presented

Article 114 : Personne devant présenter le chèque et celle à qui il est présenté

Ingingo ya 115: Sheki idacuruzwa

Article 115: Non negotiable cheque

Article 115 : Chèque non négociable

Ingingo ya 116: Sheki yaciweho imirongo

Article 116: Crossed cheque

Article 116 : Chèque barré

Ingingo ya 117: Imirongo iri kuri sheki ni kimwe mu bice biyigize

Article 117: Crossing as part of a cheque

Article 117 : Barrement faisant partie intégrante du chèque

Ingingo ya 118: Kubuza guca imirongo kuri sheki igenewe banki irenze imwe

Article 118: Prohibition to cross a cheque to more than one bank

Article 118 : Interdiction de barrement au nom de plus d'une banque

Ingingo ya 119: Sheki yishyurirwa mu kindi gihugu

Article 119: Cheque payable outside the country

Article 119 : Chèque payable dans un pays tiers

Ingingo ya 120: Iyubahirizwa ry'amategeko y'u Rwanda

Article 120: Conformity to Rwandan Law

Article 120: Conformité à la loi rwandaise

Ingingo ya 121: Ingaruka z'icuruzwa rya sheki

Article 121: Effects of cheque negotiation

Article 121 : Effets de négociation d'un chèque

Ingingo ya 122: Ububasha bwo gukora amasezerano

Article 122: Capacity to contract

Article 122 : Capacité de contracter

Ingingo ya 123: Amategeko akurikizwa

Article 123: Applicable law

Article 123 : Loi applicable

UMUTWE WA V: INYANDIKO NSEZERANYABWISHYU	CHAPTER IV: PROMISSORY NOTES	CHAPITRE V : BILLETS A ORDRE
<u>Ingingo ya 124:</u> Igisobanuro	<u>Article 124:</u> Definition	<u>Article 124 :</u> Définition
<u>Ingingo ya 125:</u> Itangwa ry'inyandiko nsezeranyabwishyu	<u>Article 125:</u> Delivery of a promissory note	<u>Article 125:</u> Remise d'un billet à ordre
<u>Ingingo ya 126:</u> Inshingano y'ubufatanye cyangwa y'ubwisungane	<u>Article 126:</u> Joint or several liability	<u>Article 126:</u> Obligation conjointe ou solidaire
<u>Ingingo ya 127:</u> Iyishyurwa risabwe	<u>Article 127:</u> Payment on demand	<u>Article 127:</u> Paiement sur demande
<u>Ingingo ya 128:</u> Kuterekana inyandiko ku gihe ngo yishyurwe	<u>Article 128:</u> Late presentment of a promissory note for payment	<u>Article 128 :</u> Retard de présentation d'un billet à ordre au paiement
<u>Ingingo ya 129:</u> Ingaruka zigaragaza inyandiko nsezeranyabwishyu itanzwe	<u>Article 129:</u> Effects of being maker	<u>Article 129:</u> Effets du souscripteur
UMUTWE VI: INYANDIKO NYEMEZABUBIKO ICURUZWA	CHAPTER VI: NEGOTIABLE WAREHOUSE RECEIPT	CHAPITRE VI: RECEPISSE D'ENTREPOT NEGOCIABLE
<u>Ingingo ya 130:</u> Imiterere y'inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 130:</u> Form of warehouse receipt	<u>Article 130:</u> Forme du récépissé d'entrepôt
<u>Ingingo ya 131:</u> Inyandiko nyemezabubiko icuruzwa	<u>Article 131:</u> Negotiable warehouse receipt	<u>Article 131:</u> Récépissé d'entrepôt négociable

<u>Ingingo ya 132:</u> Dipulikata y'inyandiko nyemezabubiko	<u>Article 132:</u> Duplicate of a warehouse receipt	<u>Article 132:</u> Duplicata d'un récépissé d'entrepôt
<u>Ingingo ya 133:</u> Uburyozwe bwo kurinda ibicuruzwa	<u>Article 133:</u> Liability for care of goods	<u>Article 133:</u> Responsabilité pour la garde des marchandises
<u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 134:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	<u>Article 134:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 134:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 135:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 135:</u> Repealing of inconsistent provision	<u>Article 135:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 136:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 136:</u> Commencement	<u>Article 136:</u> Entrée en vigueur

ITEGEKO N°32/2009 RYO KUWA 18/11/2009 RYEREKEYE INYANDIKO ZISHOBORA GUCURUZWA	LAW N°32/2009 OF 18/11/2009 GOVERNING NEGOTIABLE INSTRUMENTS	LOI N°32/2009 DU 18/11/2009 RELATIVE AUX NEGOCIABLES TITRES
--	---	--

Twebwe, KAGAME Paul;
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul;
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul ;
Président de la République ;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA	THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA	LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA
---	---	--

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w’Abadepite mu nama yawo yo
kuwa 01 Kamena 2009;

The Chamber of Deputies, in its session of
01 June 2009;

La Chambre des Députés, en sa séance du 1^{er}
juin 2009;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya
Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 4
Kamena 2003 nk’uko ryavuguruwe kugeza
ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62,
iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94,
iya 108 n’iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic
of Rwanda of 4 June 2003 as amended to
date, especially in Articles 62, 66, 67, 90,
92, 93, 94, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce
jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67,
90, 92, 93, 94, 108 et 201 ;

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

Ishingiye ku Itegeko n° 55/2007 ryo kuwa 30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y'Igihugu;	Pursuant to Law n° 55/2007 of 30/11/2007 governing the Central Bank of Rwanda;	Vu la Loi n°55/2007 du 30/11/2007 régissant la Banque Nationale du Rwanda ;
Ishingiye ku Itegeko n°007/2008 ryo kuwa 08/04/2008 rigena imitunganyirize y'imirimu y'amabanki;	Pursuant to Law n° 007/2008 of 08/04/2008 determining the organisation of banking;	Vu la Loi n° 007/2008 du 08/04/2008 portant organisation de l'activité bancaire ;
Ishingiye ku Itegeko n° 40/2008 ryo kuwa 26/8/2008 rigena imitunganyirize y'imirimu y'imari iciriritse;	Pursuant to Law n° 40/2008 of 26/08/2008 determining the micro finance activities;	Vu la Loi n° 40/2008 du 26/08/2008 portant organisation de l'activité de micro finance ;
Isubiye ku Itegeko ryo kuwa 27/7/1943 ryerekeye inyandiko ntegekabwishyu, inyandiko nsezeranyabwishyu n'inyandiko zishyuzwa;	Having reviewed the Law of 27/7/1943 on the bill of exchange, promissory note and protests;	Revu le Décret du 27/7/1943 relatif à la lettre de change, au billet à ordre et aux protêts ;
Isubiye ku Itegeko ryo kuwa 10/12/1951 rishyiraho sheki;	Having reviewed the Law of 10/12/1951 on cheque;	Revu le Décret du 10/12/1951 relatif au chèque ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko
rigamije**

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Iri tegeko ryerekeye inyandiko zishobora gucuruzwa arizo: sheki, inyandiko

This Law relates to negotiable instruments such as cheques, bills of exchange,

La présente loi porte sur les titres négociables à savoir les chèques, les lettres de change, les

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

ntegekabwishyu,
nsezeranyabwishyu
nyemezabubiko.

inyandiko
n'inyandiko

promissory notes and warehouse receipts.

billets à ordre et les récépissés d'entrepôt.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2 : Définitions

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuye ku buryo bukurikira:

Under this Law, the following words have the following meanings:

Au sens de la présente loi, les termes repris ci-après ont la signification suivante :

1° «**banki**»: banki y'imbere mu Gihugu, banki yo hanze y'Igihugu n'ikigo cy'imari byemewe n'itegeko;

1° "**bank**": legally recognised domestic or foreign bank and financial institution;

1° « **banque** » : banque locale, banque étrangère et institution financière agréée par la loi ;

2° «**uwitwaje inyandiko icuruzwa**»: umuntu ufite inyandiko icuruzwa yishyurwa uyitwaje;

2° "**bearer**": person in possession of a negotiable instrument that is payable to bearer;

2° « **porteur d'un titre négociable** » : une personne en possession d'un titre négociable payable au porteur ;

3° «**iherekanya**»: ukwegurira undi muntu uburenganzira ku nyandiko icuruzwa;

3° "**endorsement**": transfer of right to a negotiable instrument to a third party;

3° « **endossement** » : transfert d'un titre négociable à un tiers ;

4° «**uwishyura**»: ugomba kwishyura inyandiko icuruzwa;

4° "**payer**": person who shall pay the negotiable instrument;

4° « **tiré** » : personne qui doit payer un titre négociable ;

5° «**uwishyurwa**»: uwahawe cyangwa uwitwaje inyandiko icuruzwa.

5° "**payee**": beneficiary or bearer of a negotiable instrument.

5° « **bénéficiaire** » : preneur ou porteur d'un titre négociable.

Ingingo ya 3: Gushyira umukono ku nyandiko icuruzwa

Article 3: Signature on a negotiable instrument

Article 3 : Signature sur un titre négociable

Iyo hari ugomba gushyira umukono ku nyandiko ishobora gucuruzwa, si ngombwa

Where any negotiable instrument is required to be signed by any person, it is not

En cas d'obligation de signature sur un titre négociable, l'émetteur du titre n'est pas tenu

ko uyitanze ayishyiraho umukono ku giti cye, biba bihagije n'iyoyashyirwaho umukono n'undi yabihereye uburenganzira.

necessary that the drawer signs it with his/her own hand, but it is sufficient if it is signed by another person authorized by him/her.

de le signer lui-même, il suffit que le titre soit signé par un tiers qui en a reçu procuration.

Ingingo ya 4: Kugira agaciro kw'inyandiko icuruzwa itanzwe n'ikigo cy'ubucuruzi

Inyandiko icuruzwa, itanzwe n'ikigo cy'ubucuruzi gifite ubuzima gatozi, iba ifite agaciro iyo iriho umukono na kashe by'icyo kigo. Ariko, ibi ntibivuze ko inyandiko icuruzwa iba idafite agaciro iyo nta kashe iriho.

Article 4: Validity of a negotiable instrument issued by a corporation

Any negotiable instrument issued by a corporation with legal personality is valid if duly signed and sealed with the corporate seal. However, absence of seal shall not deprive a negotiable instrument of its validity.

Article 4: Validité d'un titre négociable émis par une entreprise commerciale

Un titre négociable émis par une entreprise commerciale dotée de la personnalité juridique est valable lorsqu'il porte la signature et le sceau de cette entreprise. Toutefois, l'absence de sceau ne prive pas un titre négociable de sa validité.

Ingingo ya 5: Kudakora kwa banki ku muni w'akazi

Iyo banki itakoze ku muni usanzwe w'akazi, umuni wo kwishyura inyandiko zicuruzwa ushyirwa ku wundi muni ukurikiraho w'akazi.

Article 5: Where bank does not open for business

If a bank is not open for business on a working day, the day for payment of negotiable instruments shall be postponed to the following working day.

Article 5 : Fermeture de la banque au jour ouvrable

Lorsqu'une banque n'a pas ouvert ses portes au jour ouvrable, le jour de paiement des titres négociables est fixé au jour ouvrable suivant.

Inyandiko icuruzwa yateganyijwe ko izishyurwa ari uko bibanje gusabwa, ntishobora kwerekana ngo yemerwe cyangwa ngo yishyurwe kuri uwo muni banki itakoze.

A negotiable instrument to be paid on demand cannot be presented and accepted or be paid on the day a bank is not open for business.

Un titre négociable payable à la demande ne peut être dûment présenté pour acceptation ou paiement le jour où la banque n'a pas ouvert ses portes.

Nta cyo uwishyurwa abaza yitwaje ko banki itakoze ku muni w'akazi.

The payee shall have no claim on the pretext that the bank is closed on a working

Le bénéficiaire ne peut rien réclamer sous prétexte que la banque n'a pas ouvert ses portes le jour ouvrable.

day.

Ingingo ya 6: Gukurikiza amategeko mbonezamubano

Urwunge rw'amategeko mbonezamubano, harimo amategeko agenga ibikorwa by'ubucuruzi n'amasezerano bitanyuranyije n'iri tegeko bikoreshwa ku nyandiko zicuruzwa.

Article 6: Application of Civil Code

The rules in the Civil Code, including the Law on commerce and contracts, that are not inconsistent with this Law, shall apply to negotiable instruments.

Article 6 : Application des dispositions du code civil

Le Code Civil, y compris les dispositions légales régissant les activités commerciales et les contrats qui ne sont pas contraires à la présente loi s'applique aux titres négociables.

Ingingo ya 7: Ikimenyetso cy'inyandiko mvaho yemeza ko inyandiko itishyuwe

Inyandiko ntegekabwishyu, inyandiko nsezeranyabwishyu cyangwa inyandiko nyemezabubiko itishyuwe cyangwa kopi yayo yashyizweho umukono na noteri ifatwa nk'ikimenyetso mu rukiko.

Article 7: Protest evidence for a negotiable instrument

A bill of exchange, promissory note or warehouse receipt that is not honoured or its copy signed by a public notary shall be considered as evidence in a court of Law.

Article 7: Preuve de protêt d'un titre négociable

Une lettre de change, un billet à ordre ou un récépissé d'entrepôt non payé ou sa copie notariée est admis comme moyen de preuve en justice.

UMUTWE WA II: INGINGO ZIHURIWEHO MU MIKORESHEREZE YA SHEKI, INYANDIKO NTEGEKABWISHYU N'INYANDIKO NSEZERANYABWISHYU

CHAPTER II: COMMON PROVISIONS TO CHEQUE, BILL OF EXCHANGE AND PROMISSORY NOTE

CHAPITRE II : DISPOSITIONS COMMUNES A L'USAGE DU CHEQUE, DE LA LETTRE DE CHANGE ET DU BILLET A ORDRE

Ingingo ya 8: Ibyo inyandiko icuruzwa igomba kuba yujuje

Kugira ngo inyandiko ishobore gucuruzwa igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

Article 8 : Requirements for a negotiable instrument

To be negotiable, an instrument shall conform to the following requirements:

Article 8 : Conditions pour un titre négociable

Pour qu'un titre soit réputé négociable, il doit répondre aux conditions suivantes :

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

- | | | |
|---|---|---|
| 1° iri mu nyandiko kandi igashyirwaho umukono n'utanze itegeko ryo kwishyura cyangwa usezeranyije ko azishyura; | 1° be written and signed by the drawer or the person who promises to pay; | 1° être présenté par écrit et signé par le tireur ou celui qui s'engage à payer; |
| 2° igomba kuba ikubiyemo isezerano cyangwa itegeko ntakuka ryo kwishyura umubare runaka w'amafaranga; | 2° contain irrevocable promise or order to pay a certain sum of money; | 2° contenir une promesse ou un ordre irrévocable de payer une certaine somme d'argent ; |
| 3° igomba kugaragaza uwo yishyurwa bisabwe n'uwishyurwa cyangwa ko izishyurwa ku itariki izwi; | 3° is expressed to be payable on demand of the payee or at a fixed time; | 3° indiquer qu'il est payable sur demande du bénéficiaire ou à une date déterminée ; |
| 4° igomba kugaragaza uwo yishyurwa yaba uwo yanditseho cyangwa uyitwaje; | 4° Is expressed to be payable either to order or bearer; | 4° indiquer qu'il est payable à ordre ou au porteur ; |
| 5° izina ry'uwishyurwa rigomba kuba ryanditse neza. | 5° the name of the payee shall be indicated with reasonable certainty. | 5° le nom du bénéficiaire doit être bien indiqué par écrit. |

Ingingo ya 9: Inyandiko icuruzwa yishyurwa hari igikorwa kibanje kubaho

Inyandiko icuruzwa igomba kwishyurwa hari igikorwa kibayeho ntiba ikiri inyandiko icuruzwa kandi kuba yishyuwe ntabwo bikuraho iyo nenge.

Article 9: Negotiable Instrument payable on contingency

A negotiable instrument to be payable on a contingency is not a negotiable instrument and the fact that it is paid does not remove the defect.

Article 9 : Titre négociable payable en cas d'éventualité

Un titre négociable dont le paiement dépend d'une éventualité ne constitue pas un titre négociable et le fait qu'il est payé ne lui enlève pas ce vice.

Ingingo ya 10: Uwishyurwa, nyir'inyandiko n'uwishyura

Sheki, inyandiko ntegekabwishyu cyangwa

Article 10: Payee, drawer and payer

A cheque, a bill of exchange or a promissory note shall be payable on demand of the

Article 10 : Bénéficiaire, tireur et tiré

Un chèque, une lettre de change ou un billet à ordre est payable à la demande du

inyandiko nsezeranyabwishyu yishyurwa payee.
bisabwe n'uwishyurwa.

bénéficiaire.

Ingingo ya 11: Abishyurwa babiri cyangwa barenze

Article 11: Two or more payees

Article 11 : Deux ou plusieurs bénéficiaires

Sheki, inyandiko ntegekabwishyu cyangwa nsezeranyabwishyu ishobora kwandikirwa abishyurwa babiri cyangwa benshi icyarimwe. Ishobora kandi kwishyurwa umwe cyangwa benshi mu bishyurwa.

A cheque, a bill of exchange or a promissory note may be made payable to two or more payees jointly. It may also be made payable to one or several of the payees.

Un chèque, une lettre de change ou un billet à ordre peut être payable à deux ou plusieurs bénéficiaires conjointement. Il peut aussi être payable à un ou plusieurs des bénéficiaires.

Ingingo ya 12: Amagambo abuza ihererekanya ry'inyandiko zicuruzwa

Article 12: Words prohibiting endorsement of negotiable instruments

Article 12: Clause interdisant l'endossement des titres négociables

Iyo sheki, inyandiko ntegekabwishyu cyangwa nsezeranyabwishyu yanditswemo amagambo abuza ihererekanya, iyo nyandiko igira agaciro hagati y'abavugwa muri iyo nyandiko ariko ntishobora gucuruzwa.

Where a cheque, a bill of exchange or a promissory note contains words prohibiting endorsement, it shall be valid between the parties thereto but shall not be negotiable.

Lorsqu'un chèque, une lettre de change ou un billet à ordre comporte une clause en interdisant l'endossement, il est valable entre les parties intéressées mais n'est pas négociable.

Ingingo ya 13: Inyandiko icuruzwa yishyurwa ku wo yanditseho cyangwa uyitwaje

Article 13: Negotiable instrument payable to order or to bearer

Article 13 : Titre payable à ordre ou au porteur

Sheki, inyandiko ntegekabwishyu cyangwa nsezeranyabwishyu yishyurwa uwo yanditseho cyangwa uwo ari we wese uyitwaje.

A cheque, a bill of exchange or a promissory note shall be payable either to order or to bearer.

Un chèque, une lettre de change ou un billet à ordre est payable à ordre ou au porteur.

Ingingo ya 14: Inyandiko icuruzwa yishyurwa uyitwaje **Article 14: Negotiable instrument payable to bearer** **Article 14 : Titre négociable payable au porteur**

Sheki, inyandiko ntegekabwishyu cyangwa nsezeranyabwishyu yishyurwa uyitwaje iyo byanditse ko ari ko yishyurwa cyangwa iyo iriho umukono inyuma udaherekejwe n'izina ry'uwishyurwa.

A cheque, a bill of exchange or a promissory note shall be payable to bearer where it is expressed to be so payable, or where the last endorsement is in blank.

Un chèque, une lettre de change ou un billet à ordre est payable au porteur lorsqu'il comporte une clause à cet effet ou lorsque le dernier endossement est en blanc.

Ingingo ya 15: Igaragazwa ry'uwishyurwa **Article 15: Indication of payee** **Article 15 : Désignation du bénéficiaire**

Iyo sheki, inyandiko ntegekabwishyu cyangwa nsezeranyabwishyu itishyurwa uyitwaje, amazina y'uwishyurwa agomba kugaragara imbere kandi akandikwa neza.

Where a cheque, a bill of exchange or a promissory note is not payable to bearer, the payee shall be indicated on the fore face with reasonable certainty.

Lorsqu'un chèque, une lettre de change ou un billet à ordre n'est pas payable au porteur, il doit porter les noms du bénéficiaire au recto de manière suffisamment précise.

Ingingo ya 16: Inyandiko igaragaza uwishyurwa **Article 16: Instrument payable to order** **Article 16 : Titre payable à ordre**

Iyo sheki, inyandiko ntegekabwishyu cyangwa nsezeranyabwishyu, yateganyijwe kwishyurwa umuntu yanditseho ntigomba gushyirwaho amagambo akumira ihererekanya.

If a cheque, a bill of exchange or a promissory note is payable to order, it shall not contain words prohibiting its endorsement.

Lorsqu'un chèque, une lettre de change ou un billet à ordre est payable à ordre, il ne doit pas comporter une clause qui en interdit l'endossement.

Ingingo ya 17: Iyishyurwa ryasabwe **Article 17: Payment on demand** **Article 17 : Paiement sur demande**

Sheki, inyandiko ntegekabwishyu cyangwa

A cheque, a bill of exchange or a promissory

Un chèque, une lettre de change ou un billet à ordre est payable sur demande lorsque :

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

nsezeranyabwishyu yitwa ko yishyurwa note shall be considered as payable on demand where:
bisabwe iyo :

1° bigaragajwe ko inyandiko yishyurwa bisabwe, ibonywe cyangwa yerekanywe;

2° iyo hadateganyijwe igihe inyandiko igomba kwishyurirwamo.

1° it is expressed that the instrument is payable on demand, at sight or on presentation;

2° there is no time for payment expressed.

1° il est stipulé que le titre est payable sur demande, à vue ou sur présentation ;

2° aucune date de paiement n'est indiquée.

Ingingo ya 18: Inyandiko yahererekanyijwe yagejeje igihe cyo kwishyurwa

Iyo sheki, inyandiko ntegekabwishyu cyangwa nsezeranyabwishyu yahererekanyijwe yagejeje igihe cyo kwishyurwa, yishyurwa uyitwaje abisabye.

Article 18: Endorsed instrument when overdue

Where an endorsed cheque, bill of exchange or promissory note is overdue, it shall be payable to the bearer on demand.

Article 18: Endossement d'un titre après échéance

Lorsqu'un chèque, une lettre de change ou un billet à ordre est endossé après échéance, il devient payable sur demande du porteur.

Ingingo ya 19: Inyandiko izishyurwa mu gihe kizwi

Inyandiko ntegekabwishyu na nsezeranyabwishyu ziteganyija igihe zishobora kwishyurirwa. Inyandiko izishyurwa mu gihe kizwi igomba kwishyurwa:

1° mu gihe runaka nyuma y'itariki yari iteganyijwe kwishyurirwa;

2° mu gihe runaka cyagenwe kizaba cyangwa nyuma yacyo hashingiwe ku kintu iki n'iki kizaba ku buryo bufututse,

Article 19: Instrument payable at a determined time

A bill of exchange and a promissory note shall determine a payable future time. An instrument payable at a determined time shall be payable :

1° in a period after due date of payment ;

2° at a certain fixed period, or after, based on a specified inevitable event whose

Article 19: Titre payable à une échéance déterminée

Une lettre de change et un billet à ordre sont payables à une échéance déterminée. Un titre payable à une échéance déterminée est payable :

1° à un certain délai après la date d'échéance ;

2° dans un certain délai déterminé ou après celui-ci sur base d'un événement spécifié inévitable dont la survenance est

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

bigaragara ko kizaba koko n'ubwo igihe kizabera cyaba kitazwi neza.

occurrence is certain though the time of its happening is uncertain.

certaine mais la date incertaine.

Ingingo ya 20: Inyandiko icuruzwa yandikiwe mu Gihugu

Article 20: Inland negotiable instrument

Article 20 : Titre négociable émis au pays

Inyandiko iba yatangiwe mu Gihugu iyo:

An instrument is deemed to be an inland negotiable instrument where:

Un titre est émis dans le pays lorsque :

1° yatangiwe kandi ikaba igomba kwishyurirwa mu Gihugu;

1° it is both drawn and payable within the country;

1° il est émis et payable à l'intérieur du pays ;

2° yatangiwe imbere mu Gihugu kandi ikaba igomba kwishyurwa utuye mu Gihugu.

2° it is drawn within the country and payable to a person resident in the country.

2° il est émis à l'intérieur du pays et payable à une personne résidant au pays.

Iyo inyandiko icuruzwa itagaragaza aho yatangiwe cyangwa aho izishyurirwa, ikoreshwa nk'inyandiko yatangiwe mu Gihugu.

A negotiable instrument that does not indicate the place where it is drawn or payable shall be used as an instrument drawn within the country.

Lorsqu'un titre négociable n'indique pas le lieu de son émission ou son lieu de paiement, il est considéré comme émis au pays.

Ingingo ya 21: Inyandiko icuruzwa yakorewe mu mahanga

Article 21: Foreign negotiable instrument

Article 21 : Titre négociable émis à l'étranger

Sheki, inyandiko ntegekabwishyu cyangwa nsezeranyabwishyu ishobora gutangirwa mu mahanga cyangwa ikishyurirwa mu mahanga.

A cheque, a bill of exchange or a promissory note can be issued or paid outside the country.

Un chèque, une lettre de change ou un billet à ordre peut être tiré ou payable à l'étranger.

Ingingo ya 22: Umubare w'amafaranga ugaragajwe neza

Umubare w'amafaranga uri kuri sheki cyangwa mu nyandiko ntegekabwishyu na nsezeranyabwishyu ugomba kugaragazwa uko uri harimo inyungu zishobora gutangwa, ibyiciro byo kwishyura, inyungu z'ubukerererwe n'uburyo bw'ivunjisha iyo ari ngombwa.

Ingingo ya 23: Kwandika mu mibare no mu nyuguti

Iyo, mu nyandiko icuruzwa, umubare w'amafaranga wanditse mu nyuguti udahuye n'uwanditse mu mibare, icyo gihe hishyurwa umubare w'amafaranga wanditse mu nyuguti.

Ingingo ya 24: Kubara inyungu

Iyo inyandiko ntegekabwishyu cyangwa nsezeranyabwishyu igomba kwishyurwa hariho inyungu, urwunguko rutangira kubarwa uherye igihe inyandiko yatangiwe keretse iyo biteganyijwe ukundi. Iyo nta tariki yanditse ku nyandiko igihe kibarwa kuva umunsi yatangiweho.

Article 22: Sum certain

A sum for which the cheque, bill of exchange or promissory note is shown shall be clearly indicated including possible interests, stated instalments, default interests and the rate of exchange if need be.

Article 23: Sum in figure and words

Where the sum for which the negotiable instrument is drawn is expressed differently in figures and words, the sum denoted by the words is the amount payable.

Article 24: Calculation of interests

Where a bill of exchange or a promissory note is expressed to be payable with interest, interest shall accrue, unless provided otherwise, from the date of issue and, if the date is omitted, the period shall run from the date of issue.

Article 22: Somme précise

La somme figurant sur le chèque, lettre de change ou sur le billet à ordre doit être précise, y compris les intérêts éventuels, les tranches de versement spécifiées, les intérêts de retard et le taux de change si besoin est.

Article 23: Montant en chiffres et en lettres

Lorsque, dans un titre négociable, la somme à payer énoncée en lettres est différente de celle énoncée en chiffres, la somme à payer est celle qui est énoncée en lettres.

Article 24: Calcul des intérêts

Dans les cas où une lettre de change ou un billet à ordre est expressément payable avec intérêts, ceux-ci courent, sauf indication contraire, à compter de la date d'émission. A l'absence de date, le délai court à compter de la date d'émission.

Ingingo ya 25: Itariki nyakuri

Itariki yanditse ku nyandiko icuruzwa ni yo ifatwa nk'ukuri.

Article 25: True date

The date written on a negotiable instrument shall be considered to be the true date.

Article 25 : Date véritable

La date mentionnée sur un titre négociable est réputée être sa date véritable.

Ingingo ya 26: Iminsi isonerwa kwishyurwa

Iyo inyandiko icuruzwa itishyurwa ari uko bisabwe, uwishyurwa agira iminsi itatu (3) yo kwihangana, iyo nyandiko ikaba igomba kwishyurwa ku muni uheruka iyo minsi itatu (3), keretse iyo byateganijwe ukundi; ariko umunsi wa nyuma wo kwishyura wimurirwa ku muni ukurikiyeho w'akazi iyo umunsi wa gatatu ari umunsi w'ikiruhuko wemewe n'amategeko.

Article 26: Grace days

Where a negotiable instrument is not payable on demand of the payee, the later shall be given three (3) grace days and the instrument shall be payable on the last day of grace, unless provided otherwise. If the last day of grace falls on a legal holiday, it shall be postponed onto the following working day.

Article 26: Jours de grâce

Lorsqu'un titre négociable n'est pas payable sur demande du bénéficiaire, ce dernier se soumet à trois (3) jours de grâce et le titre est alors payable le dernier de ces trois (3) jours sauf stipulation contraire; l'échéance se trouvant toutefois reportée au premier jour ouvrable qui suit lorsqu'elle coïncide avec un jour férié.

Ingingo ya 27: Uko habarwa umunsi wa nyuma wo kwishyura inyandiko zicuruzwa

Mu kubara iminsi yo kwishyura inyandiko icuruzwa, umunsi yatangiweho ntubarwa ariko umunsi wo kwishyura urabarwa.

Article 27: Computation of the last day of payment of a negotiable instrument

In computation of days of payment of negotiable instruments, the day of issuance shall not be considered but the day of payment shall be considered.

Article 27: Détermination de l'échéance de paiement d'un titre négociable

L'échéance de paiement d'un titre négociable est déterminée par exclusion du premier jour du délai et par inclusion du jour de paiement.

Ingingo ya 28: Igihe ntarengwa cy'ubwishyu

Iyo inyandiko igomba kwishyurwa mu kwezi cyangwa ku matariki yo mu mezi

Article 28: Due date of payment

Where a negotiable instrument is payable on a due date in a month or on dates of different

Article 28: Date d'échéance de paiement

Lorsqu'un titre négociable est payable à l'échéance du mois ou à des dates étalées sur

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

atandukanye, umunsi wagenwe mu kwezi runaka ni wo ufatwa nk'umunsi wa nyuma. Inyandiko icuruzwa yishyurwa ku munsi wa nyuma wagenwe w'ukwezi hiyongereyeho iminsi itatu (3) y'isonerwa.

months, the day determined in a certain month shall be considered as the last day. The negotiable instrument shall be payable on the last day of the month plus three (3) days of grace.

plusieurs mois le quantième est considéré comme étant l'échéance. Le titre négociable est payable à l'échéance du mois majorée de trois (3) jours de grâce.

Ingingo ya 29: Abafite ububasha bwo gukora amasezerano y'inyandiko icuruzwa

Article 29: Persons with the capacity to enter into contract related to a negotiable instrument

Article 29: Personnes ayant la capacité de s'engager en matière de titre négociable

Abafite ububasha bwo gukora amasezerano ni bo bashobora gukora amasezerano ajyanye n'inyandiko icuruzwa.

Only those persons with the capacity to contract may enter into contract related to a negotiable instrument.

Seules les personnes ayant la capacité de contracter peuvent s'engager en matière de titre négociable.

Ingingo ya 30: Imiryango ifite ubuzimagatozi

Article 30: Legal entities

Article 30: Personnes morales

Ibigo bifite ubuzimagatozi, ku bijyanye n'inyandiko icuruzwa, uburyozwe bubazwa uwayishyizeho umukono.

Liability of legal entities in matters relating to a negotiable instrument lies with the signatory.

La responsabilité de personnes morales en matière de titre négociable incombe à la personne qui l'a signé.

Ingingo ya 31: Ingaruka zo kutagira ububasha ku nyandiko icuruzwa

Article 31: Effects of lack of capacity on negotiable instrument

Article 31: Effets d'incapacité d'une partie en matière de titre négociable

Iyo inyandiko ikozwe cyangwa ihererekanyijwe bikozwe n'utabifitiye ububasha bwo kugira icyo abazwa ntabwo bibuza inyandiko kugira agaciro.

If an instrument is issued or endorsed by a person with no capacity to stand any accountability, it does not render the instrument to be void.

Une souscription ou un endossement d'un titre négociable par une personne incapable de s'engager n'entache pas sa validité.

Ingingo ya 32: Ishingiro ry'inyardiko icuruzwa

Inyardiko icuruzwa iba ishingiyeye ku masezerano ataziguye, ku nshingano zisanzwe cyangwa ku mwenda ushingiyeye ku nshingano wishyurwa bisabwe cyangwa mu gihe cyagenwe.

Ingingo ya 33: Ufite inyandiko icuruzwa ishingiyeye ku nyungu

Uwitwaje inyandiko icuruzwa afatwa nk'urwayitanzeho ikintu gifite agaciro imbere y'urwayitanzwe cyangwa urwayiherekanyije.

Iyo uwitwaje inyandiko icuruzwa yayihaweho ingwate ituruka ku masezerano afatwa nk'aho ayifite hagamijwe inyungu ariko zigarukira ku mubare w'amafaranga w'iyi ngwate.

Ingingo ya 34: Ufite inyandiko icuruzwa wujuje ibisabwa

Afatwa nk'aho afite inyandiko mu buryo bugaragara kandi bwujuje ibisabwa, uwahawe inyandiko idafite inenge iyo :

1° yashyikirijwe inyandiko mbere y'uko igera igihe cyo kwishyurwa kandi akaba

Article 32: Basis for a negotiable instrument

A negotiable instrument shall be based on a direct contract, a simple obligation or a debt based on an obligation payable on demand or in a determined period.

Article 33: Holder of a negotiable instrument for value

Any bearer of a negotiable instrument shall be considered to be a holder for value with regard to the drawer or endorser.

Where any bearer of a negotiable instrument has a lien on it arising from a contract, he/she shall be considered to be its holder for value but to the extent of the amount of such a lien.

Article 34: Holder of a negotiable instrument in due course

A bearer shall be deemed to be a holder in due course who has received a negotiable instrument, complete and regular on face where :

1° he/she became the holder of it before it was overdue and without notice that it

Article 32: Base d'un titre négociable

Un titre négociable porte sur un contrat direct, une obligation simple ou sur une dette emportant obligation de payer sur demande ou à terme.

Article 33: Détenteur d'un titre négociable à titre onéreux

Tout porteur d'un titre négociable est réputé détenteur à titre onéreux à l'égard du tireur ou de l'endosseur.

Le porteur d'un titre négociable ayant sur celui-ci un droit de gage qui découle d'un contrat est réputé en être détenteur à titre onéreux jusqu'à concurrence de la somme pour laquelle il détient le droit de gage.

Article 34: Détenteur régulier d'un titre négociable

Est réputé détenteur régulier celui qui a reçu un titre négociable, manifestement complet et régulier, lorsque :

1° il en est devenu détenteur avant son échéance et sans avoir été avisé d'un

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

atarigeze ahabwa inyandiko mpamo imenyeshya ko inyandiko itemewe cyangwa itishyuwe;

had been previously dishonoured;

refus d'acceptation ou de paiement;

2° abonye inyandiko icuruzwa nta buriganya kandi akayihabwa atanze ingurane ifite agaciro kandi igihe yayihabwaga hakaba nta cyagaragazaga ko iyo nyandiko ifite inenge ku ruhande rw'awayitanze.

2° he/she received the negotiable instrument in good faith and for value and that at the time of its negotiation; he/she had no notice of any defect with regard to the endorser.

2° il a reçu le titre de bonne foi et à titre onéreux et que, à la date de la négociation, n'avait pas été avisé d'aucun vice affectant le titre négociable de l'endosseur.

Ingingo ya 35: Inenge y'inyandiko icuruzwa

Article 35: Defective negotiable instrument

Article 35: Vice de titre négociable

Uwitwaje inyandiko icuruzwa afatwa nk'aho inyandiko ye ifite inenge, iyo kuyihabwa, kwemerwa kwayo byaranzwe n'uburiganya, iterabwoba, binyuze mu zindi nzira cyangwa bishingiye ku mpamvu zitemewe n'amategeko cyangwa iyo inyandiko ishingiyeye ku cyaha cy'ubuhemu.

Any bearer of a negotiable instrument shall be deemed to have a defective instrument where obtaining it and acceptance thereof was characterised by fraud, duress or based on other unlawful means or where the instrument is based on breach of trust.

Tout porteur est réputé détenir un titre négociable entaché de vice lorsqu'il l'a obtenu, accepté frauduleusement, par contrainte, ou par d'autres moyens illégaux ou pour cause illicite, ou lorsque le titre négociable est basé sur un abus de confiance.

Ingingo ya 36: Uburenganzira bw'ufite inyandiko icuruzwa mu buryo bwemewe n'ubwo atariwe yanditseho

Article 36: Rights of holder of a negotiable instrument whose name is not mentioned

Article 36: Droits du détenteur d'un titre négociable qui n'indique pas son nom

Ufite inyandiko yarayibonye ku mpamvu zigamije cyangwa zitagamije inyungu, ariko akaba yarayihawe n'uwari uyifite utarangwaho uburiganya cyangwa indi mpamvu igenwa n'itegeko yaburizamo itunga

Any holder, whether for value or not, who received his/her instrument from a bearer in due course who is not characterised by fraud or illegality affecting its ownership, may claim for payment by its acceptor and all acceptors to the negotiable instrument of

Un détenteur d'un titre à titre onéreux ou non, qui l'a obtenu d'un porteur qui n'a usé d'aucune fraude ou qui l'avait obtenu par toute voie légale n'entachant pas sa détention, peut réclamer le paiement à celui ou à tous ceux qui l'ont accepté et y ont un

ry'iyo nyandiko, ashobora gusaba ko yishyurwa n'uwayemeye cyangwa n'abandi bose bafite aho bahuriye n'iyo nyandiko bigaragara ko bayiherekaniye mbere y'uwari uyifite wujuje ibisabwa.

Ingingo ya 37: Inyandiko icuruzwa ifatwa nk'inkimenyetso gishingiye ku nyungu

Afatwa nk'uwahawe inyandiko icuruzwa ku mpamvu zigamije inyungu, uwo ari we wese washyize umukono ku nyandiko iyo nta kindi kimenyetso kinyomoza ko atari ko biri.

Ingingo ya 38: Uwo inyandiko icuruzwa yitirirwa

Afatwa nk'aho afite inyandiko icuruzwa mu buryo bwemewe, ufite mu ntoki ze iyo nyandiko iyo nta kindi kimenyetso kinyomoza ko atari ko biri ariko iyo hagaragajwe mu kirego kirebana no kwemera, gutanga cyangwa gucuruza byakurikiyeho, byaranzwe n'uburiganya cyangwa iterabwoba cyangwa indi nenge iteganywa n'itegeko, ufite inyandiko niwe usabwa ibimenyetso kereka yerekanye ko uwahawe inyandiko mbere ye yabikoze nta buryarya cyangwa indi nenge ishingiyeye ku mategeko.

whom it is evident that they endorsed it to each other prior to that holder who fulfils the conditions.

Article 37: Negotiable instrument presumed for value

Any person whose signature appears on a negotiable instrument shall, in the absence of evidence to the contrary, be deemed to have become a party thereto for value.

Article 38: Presumed holder of a negotiable instrument

Any holder of a negotiable instrument shall, in the absence of evidence to the contrary, be deemed to be a holder in due course, but if, in an action for acceptance, issue or subsequent negotiation of the negotiable instrument was characterized by fraud, duress or other illegality, the burden of proof lies with the holder unless he / she proves that the prior bearer received the negotiable instrument in good faith or legality.

intérêt lorsqu'il est établi qu'ils l'ont successivement endossé antérieurement au porteur régulier.

Article 37: Titre négociable présumé à titre onéreux

Est réputé détenteur d'un titre à titre onéreux toute personne ayant signé ce titre, en l'absence de preuve contraire.

Article 38: Détenteur présumé d'un titre négociable

Le détenteur d'un titre est réputé, en l'absence de preuve contraire, en être le détenteur régulier; néanmoins, s'il est établi, par une action en acceptation, émission ou négociation subséquente du titre négociable qu'il est entaché de fraude ou de contrainte, ou de toute sorte d'illégalité, la charge de la preuve incombe au détenteur à moins de prouver que le porteur antérieur a agi de bonne foi et dans la légalité.

Ingingo ya 39: Gucuruza inyandiko hifashishijwe kuyihererekanya

Inyandiko iba icurujwe iyo ihererekanyijwe ku buryo iyo uyihawe ayigiraho uburenganzira.

Ingingo ya 40: Gucuruza inyandiko hifashishijwe ishyikirizwa

Inyandiko yishyurwa uyitwaje icuruzwa hifashishijwe kuyishyikiriza uwishyura.

Ingingo ya 41: Gucuruza inyandiko ifite uwo yanditseho

Inyandiko ifite uwo yanditseho icuruzwa ishyizweho umukono inyuma.

Ingingo ya 42: Ukwegurira undi inyandiko hashyizweho umukono inyuma bikoze n'uhagarariye undi

Uwahawe inshingano yo kwegurira undi inyandiko hifashishijwe gushyira umukono inyuma bikoze n'uhagarariye undi, bishobora gukorwa hagarazwa ko atari we uzabazwa iby'iyonyandiko.

Article 39: Negotiation of an instrument by endorsement

An instrument is negotiated when it is endorsed in such a manner that the holder has the rights thereto.

Article 40: Negotiation of an instrument by delivery

An instrument payable to bearer is negotiated by delivery to payer.

Article 41: Negotiation of an instrument payable to order

An instrument payable to order is negotiated by endorsement .

Article 42: Endorsement by representative

Where any person is under obligation to endorse an instrument in a representative capacity, he / she may do so in such terms as to negative personal liability.

Article 39: Négociation d'un titre par endossement

Il y a négociation d'un titre négociable quand l'endossement confère à l'endossataire des droits y relatifs.

Article 40: Négociation d'un titre par livraison

Un titre payable au porteur se négocie par livraison au tiré.

Article 41: Négociation d'un titre payable à ordre

Le titre payable à ordre se négocie par endossement .

Article 42: Endossement à titre de représentant

Toute personne qui se trouve dans l'obligation d'endosser un titre en qualité de représentant peut le faire dans des termes qui excluent sa responsabilité personnelle.

Ingingo ya 43: Agaciro k'inyandiko icuruzwa yeguriwe undi ishyirwaho umukono inyuma

Ukwegurira inyandiko hakoreshejwe gushyira umukono inyuma bigomba gukorerwa kuri iyo nyandiko kandi ku gaciro kayo kose, inyandiko idakurikije ibyo ntishobora gucuruzwa.

Ingingo ya 44: Umugereka cyangwa kopi z'inyandiko

Ukwegurira inyandiko hashyizweho umukono inyuma bishobora gukorwa ku mugereka cyangwa kuri kopi y'inyandiko kandi bigira agaciro nk'iyoye byakorewe ku nyandiko y'umwimerere.

Icyakora, mu gihe byakorewe hanze y'imbibi z'u Rwanda bigira agaciro icyo gihugu byakorewemo kibyemera.

Ingingo ya 45: Abishyurwa babiri cyangwa benshi

Iyo inyandiko igenewe kwishyurwa abantu benshi, buri wese wishyurwa ashiraho umukono we, keretse icyo ari isosiyeti y'abantu idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane cyangwa umwe muri bo afite uburenganzira bwo kubikora mu izina

Article 43: Value of an endorsed negotiable instrument

An endorsement shall be carried out on the entire instrument itself and non respect of this shall render the instrument non negotiable.

Article 44: Allonge or copy of an instrument

An endorsement may be done on allonge or copy of an instrument and it is deemed to be written on the original instrument itself.

However, an endorsement made outside Rwanda shall be valid only if recognised by the country where an endorsement is done.

Article 45: Two or more payees

Where an instrument is payable to the order of many payees, each shall endorse, unless it is a private company or if one of them has authority to endorse for the others.

Article 43: Valeur d'un titre négociable endossé

L'endossement doit être fait par écrit au verso du titre lui-même et porter sur toute la valeur du titre. Un titre qui ne remplit pas ces conditions ne peut pas être négocié.

Article 44: Allonge ou copie du titre

L'endossement peut se faire sur une allonge ou sur une copie d'un titre et il est réputé fait sur le titre original lui-même.

Toutefois, l'endossement fait à l'extérieur du Rwanda n'est valable que lorsque le pays où il a été fait le reconnaît.

Article 45: Deux ou plusieurs bénéficiaires

Le titre payable à l'ordre de plusieurs bénéficiaires est endossé par chacun d'eux, sauf s'ils sont en société privée ou si l'un d'eux est autorisé à le faire pour les autres.

ry'abandi.

Ingingo ya 46: Imikurikiranire y'abeguriwe inyandiko

Iyo ukwegurira inyandiko byakorewe abantu benshi, uburenganzira bwa buri wese bugenwa hakurikijwe uburyo zikurikirana mu nyandiko keretse iyo hatanzwe ikindi kimenyetso kinyomoza ko atari ko bimeze.

Article 46: Order of endorsees

Where there are many endorsees on an instrument, the rights of each endorsee shall be determined in the order in which he/she appears on the instrument until the contrary is proved.

Article 46: Ordre des endossataires

En cas d'endossements multiples, chacun d'eux est réputé, en l'absence de preuve contraire, fait dans l'ordre où il figure sur le titre.

Ingingo ya 47: Kwishyura hatitawe ku nkomyi

Uwarishye inyandiko yeguriwe undi hifashishijwe gushyiraho umukono inyuma ariko iherekejwe n'inkomyi ashobora kwishyura atitaye kuri iyo nkomyi ubwishyu bwe bukagira agaciro n'ubwo inkomyi yateganyijwe yaba yarabaye cyangwa itarabaye.

Article 47: Payment by disregarding condition

Where an instrument is endorsed conditionally, the condition may be disregarded by the payer and payment shall be valid, whether or not the condition has been fulfilled.

Article 47: Paiement sans tenir compte de la condition

Le payeur d'un titre endossé sous condition peut ne pas tenir compte de la condition, et le paiement est valable, que la condition ait été réalisée ou non.

Ingingo ya 48: Uburyo iyegurirwa ry'inyandiko hashyizweho umukono inyuma rikorwa

Ukwegurira inyandiko hashyizweho umukono inyuma, bishobora gukorwa hagaragazwa cyangwa hatagaragazwa uwayeguriwe. Iyo nta zina ryagaragajwe bifatwa nk'aho inyandiko igomba

Article 48: Mode of endorsement

An endorsement may be made by indicating the endorsee or not. In case no name is indicated, it shall be considered as if the instrument is payable to any bearer. In case the name of the endorsee is indicated, he/she

Article 48: Mode d'endossement

L'endossement peut être en blanc ou spécial. Lorsque l'endossement ne désigne pas l'endossataire, le titre est présumé payable au porteur. Lorsque l'endossement désigne

kwishyurwa uyitwaje wese. Iyo hagaragajwe izina ry'uwayeguriwe ni we wenyine ugomba kwishyurwa.

shall be the only person to be paid.

l'endossataire, c'est lui à qui ou à l'ordre de qui le titre est payable.

Ingingo ya 49: Igihe inyandiko itanganywe amabwiriza

Article 49: Restrictive endorsement

Article 49: Endossement restrictif

Inyandiko ishobora kwegurirwa undi mu buryo butarunduye. Ifatwa nk'aho ari inyandiko yeguriwe mu buryo butarunduye iyo habujijwe icuruzwa ryayo cyangwa hagatangwa amabwiriza abuza guhererekanya iyo nyandiko, nk'igihe yanditseho amagambo akurikira: « musabwe kwishyura...wenyine », « musabwe kwishyura... mu izina rya... », « musabwe kwishyura...cyangwa uwo yanditseho uje kwishyura ».

An instrument may be endorsed in a restrictive manner. An instrument shall be deemed to have been endorsed restrictively if it prohibits negotiation or endorsement, for instance, if an instrument is worded "Pay ... only", or "Pay ... for the account of ...", or "Pay ..., or order, for collection".

L'endossement peut contenir des restrictions. Est restrictif l'endossement qui interdit la négociation postérieure du titre ou donne des instructions qui en interdisent l'endossement, notamment lorsqu'il porte les mentions: « Payez à seulement », « Payez à pour le compte de » ou « Payez à ou à son ordre pour recouvrement ».

Ingingo ya 50: Irangira ry'icuruzwa ry'inyandiko

Article 50: Cessation of negotiability of an instrument

Article 50: Fin de la négociabilité d'un titre

Igikorwa cy'icuruzwa ry'inyandiko icuruzwa kirangizwa n'uko yishyurwe burundu cyangwa idakomeje gucuruzwa.

Negotiability of a negotiable instrument shall cease upon a discharge for parties or when it can no longer continue to be negotiable.

La négociabilité d'un titre prend fin lorsqu'il y a paiement définitif ou l'endossement restrictif qui met fin à la négociation dudit titre.

Ingingo ya 51: Icuruzwa ry'inyandiko irengeje igihe cyo kwishyura

Article 51: Overdue negotiable instrument

Article 51: Titre négociable après échéance

Inyandiko icuruzwa, icuruzwa itararenza igihe. icyakora icuruzwa ry'inyandiko

An instrument shall be negotiated before it is overdue. However, negotiation of an

Un titre négociable se négocie avant son échéance. Toutefois, la négociation d'un titre

irengeje igihe cyo kwishyurwa ribarwa harebwe ko iyo nyandiko yujuje ibisabwa. Muri icyo gihe, uwo inyandiko yanditseho ntashobora gutanga cyangwa kwegurira uburenganzira buruta ubwo inyandiko icuruzwa imwemerera.

Inyandiko icuruzwa igomba kwishyurwa ari uko bisabwe ifatwa nk'aho igeze igihe cyo kwishyurwa iyo ikiri mu maboko y'abayeguriwe kandi igihe cyararenze iyo kurenza igihe kw'inyandiko bishobora gufatwa nk'igikorwa cyumvikana kandi cyakwihanganirwa.

Ingingo ya 52: Uburenganzira n'ubushobozi bw'uwitwaje inyandiko icuruzwa

Uburenganzira ndetse n'ubushobozi amategeko agenera uwitwaje inyandiko ni ubu bukurikira:

1° uwitwaje inyandiko icuruzwa ashobora gutanga mu rukiko ikirego gishingiye ku nyandiko yahawe;

2° uwitwaje inyandiko yujuje ibisabwa ntashobora gukurikiranwa kubera inenge zikomoka ku bahererekaniye inyandiko cyangwa se ngo ahamagazwe mu birego byo kwiregura

overdue instrument shall be subject to its legality. Thereafter, the payee can neither transfer nor endorse it with more rights than those attached thereto.

A negotiable instrument payable on demand shall be considered to be due when it is still in circulation while overdue and where exceeding the date can be reasonably justified.

Article 52: Rights and powers of bearer of negotiable instrument

The rights and powers of the bearer of a negotiable instrument are as follows:

1° a bearer may file a case related to the instrument in court in his / her own name;

2° a bearer in due course may not incur any liability for any defect of instrument of prior endorsers or be summoned to appear with regard to personal defences

après échéance est subordonnée à sa régularité. Dès lors, le bénéficiaire ne peut ni le céder ni l'endosser avec plus de droits qu'il n'en a reçus.

Un titre négociable payable sur demande est réputé échu lorsqu'il est encore en circulation après échéance et que le dépassement de cette échéance peut être raisonnablement justifié.

Article 52: Droits et pouvoirs du porteur d'un titre négociable

Les droits et pouvoirs du porteur d'un titre négociable sont les suivants:

1° le porteur peut intenter en son nom propre une action fondée sur le titre négociable qu'il détient;

2° le porteur d'un titre négociable régulier n'est pas responsable des vices entachant le titre occasionnés par les endosseurs ou être appelé en intervention forcée dans le cadre de défenses personnelles que peuvent faire

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

hagati y'abahererekanije inyandiko mbere. Ashobora ariko gusaba kwishyurwa n'abarebwa n'inyandiko;

among prior endorsers themselves. However, he/she may enforce payment against all parties to the instrument;

valoir les endosseurs qui l'ont précédé. Toutefois, il peut exiger le paiement de toutes les parties obligées par le titre ;

3° gucuruza inyandiko bikoze n'undi wari uyifite ariko ifite inenge biha uburenganzira busesuye uwitwaje inyandiko niba yujuje ibisabwa;

3° negotiation of a defective negotiable instrument made by a prior bearer to a bearer in due course shall allow the latter to obtain a good and complete title to the negotiable instrument ;

3° la négociation d'un titre négociable défectueux faite par un tiers porteur précédent confère au porteur qui satisfait aux conditions les pleins droits;

4° ubwishyu bw'inyandiko bukozwe mu gihe cyagenwe bugira agaciro n'ubwo inyandiko yaba ifite inenge.

4° payment of a negotiable instrument effected in due course shall remain valid even when the instrument is defective.

4° le paiement d'un titre négociable effectué dans les délais est valable même si le titre est entaché de vice.

Igingo ya 53: Kwerekana inyandiko kugira ngo yishyurwe

Inyandiko igomba kwerekanwa kugira ngoyishyurwe mu buryo bwemewe. Bitabaye gutyo, uwayitanze cyangwa abayiherekanije hakoreshejwe gushyira umukono inyuma ntacyo babazwa.

Article 53: Presentment of the instrument for payment

An instrument shall be duly presented for payment. If not so presented, the drawer or endorsers shall be discharged.

Article 53: Présentation d'un titre pour paiement

Le titre doit être obligatoirement présenté pour être dûment payé. Le défaut de présentation en bonne et due forme libère le tireur et les endosseurs.

Kwerekana inyandiko ngo yishyurwe bikorwa uwitwaje inyandiko cyangwa uwo yahaye uburenganzira bwo kwakira ubwishyu mu izina rye ayereka uwishyura.

Presentment of an instrument for payment shall be made upon its exhibition to the payer by the bearer or a person authorized to receive payment on his/her behalf.

La présentation d'un titre pour paiement est faite au tiré par le porteur ou par une personne autorisée à recevoir le paiement en son nom.

Ingingo ya 54: Ahantu hemewe kwerekana inyandiko icuruzwa

Ahantu hemewe ko ari ho inyandiko yakwerekana kugira ngo yishyurwe hashobora kuba :

1° ahateganyijwe ko ariho inyandiko izishyurirwa cyangwa izasabirwa kwemerwa;

2° bitabaye ibyo, aho uwishyura cyangwa uwemera inyandiko abarizwa, handitse ku nyandiko;

3° ahantu aho ariho hose uwishyura cyangwa uwemera inyandiko ari, yatuye bwa nyuma cyangwa abarizwa hazwi.

Ingingo ya 55: Kwerekana inyandiko icuruzwa ngo yishyurwe igihe cyararenze

Usabira inyandiko icuruzwa kwishyurwa ntashobora kuryozwa ubukerererwe bwaturutse ku mpamvu zidakomoka ku bushake bw'uwitwaje inyandiko; bigomba ariko kugaragazwa ko ubukerererwe butakomotse ku nenge, imyitwarire, uburangare bw'uwitwaje inyandiko.

Article 54: Place authorised for presentment of a negotiable instrument

The place authorised for presentment of a negotiable instrument for payment may be:

1° the place of payment specified on the instrument or the place of acceptance;

the address of the drawee or acceptor specified in the instrument where no place of payment or acceptance is specified;

3° any place of residence of the drawee or acceptor, his/her last place of residence or his/her known address.

Article 55: Late presentment of a negotiable instrument for payment

Any person who claims payment of a negotiable instrument cannot be held liable for any delay caused by circumstances beyond the control of the bearer but it must be proved that the delay is not imputable to default, misconduct or negligence of the bearer .

Article 54: Lieu autorisé de présentation du titre négociable

Le lieu autorisé pour la présentation d'un titre négociable pour paiement peut être:

1° le lieu de paiement spécifié sur le titre ou le lieu d'acceptation;

2° à défaut, à l'adresse du tiré ou celle de l'accepteur indiquée sur le titre;

3° dans tout autre lieu où se trouve le tiré ou l'accepteur, ou son dernier établissement connu ou sa dernière résidence connue.

Article 55 : Présentation tardive d'un titre négociable au paiement

Celui qui réclame le paiement d'un titre négociable ne peut être tenu responsable du retard de paiement dû aux circonstances indépendantes de la volonté du porteur du titre; mais il doit être prouvé que ce retard n'est pas dû au vice, au manquement ou à la négligence du porteur.

Iyo impamvu yateye ubukerererwe itagifite agaciro, kwerekana inyandiko ngo yishyurwe bigomba gukorwa mu bushishozi buhagije.

Where the cause of delay ceases to operate, presentment must be made with reasonable diligence.

Lorsque la cause du retard a disparu, la présentation au paiement doit se faire dans toute diligence.

Ingingo ya 56: Iyo kwerekana inyandiko icuruzwa bitakiri ngombwa

Article 56: Case when presentment of a negotiable instrument is dispensed with

Article 56: Cas de dispense de présentation d'un titre négociable

Ntibiba bikiri ngombwa kwerekana inyandiko ngo yishyurwe iyo :

Presentment of a negotiable instrument for payment is dispensed with where:

Il y a dispense de présentation d'un titre au paiement lorsque :

1° gusabira inyandiko kwishyurwa byateganyijwe mu nyandiko bidashoboka n'ubwo hakorwa ibishoboka byose;

1° requesting for payment of the instrument as indicated on the instrument cannot be effected although all possible efforts are carried out;

1° la demande de présentation du titre pour paiement telle qu'elle est prévue sur le titre n'est pas possible nonobstant tout effort;

2° uwishyura atigeze abaho;

2° the payer is a fictitious person;

2° le tiré est une personne fictive;

3° bigaragaye ko inshingano z'uwishyura cyangwa kwemera inyandiko zitakiriho, kandi hakaba nta mpamvu n'imwe yatuma nyir'inyandiko akeka ko inyandiko yatanze izishyurwa niyerekanwa;

3° it is proved that the payer or acceptor is no longer bound to pay the instrument and that the drawer has no reason to believe that the instrument would be paid if presented;

3° s'il est établi que les obligations du tiré ou celles de l'acceptation du titre ont disparu et qu'il n'y a pas de raison à ce que le tireur s'attende au paiement du titre à sa présentation;

4° ku bijyanye n'uwahererekanyije inyandiko ashyizeho umukono inyuma, iyo bizwi ko inyandiko yakozwe cyangwa yemewe ariko nta bwishyu bamugomba, kandi hakaba nta mpamvu n'imwe yatuma nyir'inyandiko akeka ko inyandiko yahererekanyije yakwishyurwa;

4° with respect to an endorser, it is known that the instrument was made or accepted for the accommodation of that endorser and the drawer has no reason to believe that the instrument would be paid ;

4° en ce qui concerne un endosseur, s' il est reconnu que le titre a été accepté ou fait par complaisance pour lui et qu'il n'y a pas de raison à ce que le tireur s'attende au paiement du titre;

5° habayeho kwanga kwerekana inyandiko ngo yishyurwe bikozwe n'uwitwaje inyandiko;

6° ku bijyanye na sheki, iyo ikigo cy'imari kigomba kwishyura cyahombye.

5° there is a waiver of presentment of an instrument by the bearer;

6° regarding the cheque, the financial institution which is bound to payment becomes bankrupt.

5° il y a renonciation par le porteur de la présentation du titre;

6° pour les chèques, lorsque l'institution financière qui doit payer est en faillite.

Ingingo ya 57: Iyo ntaho inyandiko icuruzwa yateganyirijwe kwishyurirwa

Iyo mu nyandiko nta hantu hagaragajwe ko ariho hazabera ubwishyu, cyangwa kwerekanwa ngo yemerwe, icyo gihe kwerekana inyandiko ngo yemerwe ntibiba bikiri ngombwa kugira ngo uwemera arangize inshingano ze.

Ingingo ya 58: Iyo inyandiko icuruzwa yateganyirijwe aho kwishyurirwa

Iyo hagaragajwe neza ahantu inyandiko izishyurirwa cyangwa izemererwa, uwemera inyandiko ntashobora kwitwaza ko inyandiko itasabiwe kwemerwa kugira ngo abone uko yanga inshingano ze keretse iyo byateganyijwe ukundi.

Article 57: Where no place is specified for payment of a negotiable instrument

Where no place of presentment for payment or acceptance is specified in an instrument, presentment for acceptance is not necessary in order to render the acceptor liable.

Article 58: Where the instrument specifies place of payment

Where a place of payment or acceptance has been clearly specified, the acceptor cannot invoke the fact that the instrument was not presented for acceptance in order to disregard his/her obligations unless otherwise stipulated.

Article 57: Absence d'indication du lieu de paiement d'un titre négociable

Lorsque le lieu de présentation du titre pour paiement ou acceptation n'est pas indiqué sur le titre, la présentation pour acceptation n'est pas nécessaire pour obliger l'accepteur.

Article 58: Lorsque le titre indique le lieu de paiement

Lorsque le lieu de paiement ou d'acceptation a été clairement indiqué, l'accepteur du titre ne peut pas invoquer le défaut de présentation pour acceptation pour se libérer de ses obligations sauf stipulation contraire.

Ingingo ya 59: Kwegurira inyandiko icuruzwa nyuma yo kwishyura

Nyuma yo kwishyurwa, uwitwaje inyandiko icuruzwa ayisigira uwishyuye.

Article 59: Delivery of a negotiable instrument after payment

When a negotiable instrument is paid, the bearer shall deliver it to the party paying it.

Article 59: Remise du titre négociable après paiement

Après paiement, le détenteur remet le titre négociable au payeur.

Ingingo ya 60: Inyandiko icuruzwa yanze kwishyurwa

Bifatwa nk'aho inyandiko icuruzwa yanze kwishyurwa iyo :

1° yasabiwe kwishyurwa mu buryo bwemewe ariko bikarengwaho ntiyishyurwe;

2° yerekana itariki ya ngombwa yarengeje igihe kandi itishyuwe.

Iyo inyandiko yateshejwe agaciro n'uko itishyuwe, uyitwaje ashobora gukurikirana nyir'inyandiko, uwayemeye cyangwa abayiherekanije hifashishijwe gushyira umukono inyuma.

Article 60: Negotiable instrument dishonoured by non-payment

An negotiable instrument is dishonoured by non-payment when:

1° it is duly presented for payment and thereafter payment is refused;

2° the instrument is overdue and unpaid.

Where an instrument is dishonoured by non-payment, the bearer may bring an action against the drawer, acceptor and endorsers.

Article 60: Refus de paiement d'un titre négociable

Il y a refus de paiement du titre négociable lorsque:

1° malgré une présentation en bonne et due forme, le paiement a été refusé;

2° il indique la date d'échéance déjà dépassée et n'a pas été payé.

Lorsque le titre n'est pas valable pour défaut de paiement, le porteur peut intenter une action contre le tireur, l'accepteur ou les endosseurs.

Ingingo ya 61: Imenyekanisha ry'ihakanwa ry'inyandiko icuruzwa

Iyo inyandiko icuruzwa yateshejwe agaciro no kuba itaremewe cyangwa itarishyuwe, ni ngombwa ko nyir'inyandiko cyangwa uwayeguriye undi abimenyeshwa.

Article 61: Notice of dishonour of a negotiable instrument

When a negotiable instrument is dishonoured by non-acceptance or by non-payment, notice of dishonour shall be given to the drawer or the endorser. The drawer or

Article 61: Notification de refus d'un titre négociable

Lorsque le titre négociable n'est plus valable pour défaut d'acceptation ou de paiement, le tireur ou l'endosseur doit en être avisé. A défaut de notification, le tireur ou l'endosseur

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

Nyir'inyandiko cyangwa uwayeguriye undi ntaba agikurikiranywe iyo atamenyeshejwe ko inyandiko yanzwe. the endorser to whom the notice is not given shall not be held liable. n'est plus responsable.

Ingingo ya 62: Ibisabwa kugira ngo imenyekanisha ry'ihakanwa ry'inyandiko icuruzwa rifatwe nk'irifite agaciro

Article 62: Conditions for validity of notice of dishonour of a negotiable instrument

Article 62: Conditions de validité de notification de refus d'un titre négociable

Kwanga kwemera inyandiko icuruzwa bigira agaciro iyo byakozwe :

Notice of dishonouring a negotiable instrument shall be valid if done:

Pour avoir effet, la notification de refus du titre négociable doit être faite :

1° bitarenze nibura umunsi w'akazi ukurikiraho;

1° not later than the following working day;

1° au plus tard le premier jour ouvrable qui suit;

2° n'uwitwaje inyandiko cyangwa uwabikoze mu izina rye, uwayeguriye undi akoresheje gushyiraho umukono inyuma cyangwa uwabikoze mu izina rye ariko bikaba bigomba kugaragazwa ko yashoboraga kubazwa iby'iyoyandiko igihe yayitangaga;

2° by the bearer or his/her proxy, by the endorser or his/her proxy, while clearly indicating his/her liability at the time of endorsing the instrument;

2° par le porteur ou son représentant, par un endosseur ou son représentant tout en spécifiant sa responsabilité au moment de l'endossement;

3° n'ushobora kumuhagararira, iyo ahari cyangwa ashobora kuboneka, mu gihe nyir'inyandiko cyangwa uwayeguriye undi atakiriho;

3° by a potential proxy, where there is one or where one can be found, in the case of death of the drawer or endorser ;

3° par son représentant potentiel, s'il y en a un ou si on peut en trouver un , en cas de décès du tireur ou de l'endosseur ;

4° n'umwe muri ba nyir'inyandiko, abayeguriye abandi, iyo ari benshi, ariko badahuriye ku bucuruzi, keretse iyo umwe muri bo afite uburenganzira bwo guhagararira abandi.

4° by one of the drawers or endorsers, if there are several but are not partners in business, unless one of them has authority to represent others.

4° par l'un des tireurs ou endosseurs s'il y en a plusieurs qui ne sont pas liés par une relation d'affaire, sauf dans le cas où l'un d'eux est autorisé à représenter les autres.

Ingingo ya 63: Uburyo imenyekanisha ry'ihakana ry'inyandiko icuruzwa bukorwa

Article 63: Mode of notice of dishonour of a negociable instrument

Article 63: Modalités de notification de refus d'un titre négociable

Kumenyesha ko inyandiko yanzwe bikorwa:

Notice of dishonour of an instrument shall be given:

La notification de refus d'un titre doit être faite:

1° iyo hagaragajwe ko inyandiko yanzwe;

1° as soon as the instrument is dishonoured;

1° dès que le refus du titre est constaté ;

2° hamenyeshwa uwo bireba cyangwa se umuhagarariye;

2° by notifying the concerned party or his / her proxy;

2° par notification de la partie concernée ou son représentant;

3° n'uhagarariye ugomba kwanga

3° by a proxy in his / her own name or in

3° par un représentant, en son propre nom

inyandiko, mu izina rye bwite cyangwa mu izina ry'undi muntu ufite uburenganzira bwo kwanga inyandiko, yaba yatumwe cyangwa atabitumwe;

the name of any party entitled to give notice, whether that party is his / her principal or not;

ou au nom de toute autre personne habilitée à le faire, que celle-ci soit ou non mandatée;

4° hakoreshejwe inyandiko cyangwa mu mvugo gusa, kandi ku buryo hamenyekana neza inyandiko yanzwe iyo ari yo ndetse ko yanze kwemerwa cyangwa kwishyurwa.

4° in writing or by verbal communication in such a manner as to specify clearly the instrument dishonoured for payment or acceptance.

4° par écrit ou par communication verbale de sorte qu'il soit expressément indiqué le titre refusé pour paiement ou acceptation.

Kudashobora kugaragaza neza inyandiko ntibitesha agaciro imenyeshya, kereka iyo bitumye uwo ryakorewe yibeshya.

A miss-description of the instrument does not vitiate the notice unless the party to whom the notice is given is in fact misled by it.

Le défaut de précision du titre ne rend pas invalide la notification sauf si elle a induit en erreur celui à qui elle a été faite.

Ingingo ya 64: Imiterere y’imenyesha

Si ngombwa ko imenyesha riba ryanditse, kandi biba bihagije iyo inyandiko yanzwe isubijwe nyirayo cyangwa uwayeguriye undi.

Ingingo ya 65: Imenyesha rikorewe abahererekanyije inyandiko mbere

Buri muntu wese urebwa n’inyandiko kandi wamenyeshejwe ko yanzwe mu buryo bwemewe, ahabwa nawe igihe kingana n’icy’ufite inyandiko yanzwe, kugira ngo amenyeshe abahererekanyije inyandiko mbere ye.

Ingingo ya 66: Aho imenyekanisha ry’ihakana ry’inyandiko icuruzwa rikorerwa

Hatitawe ku bindi biteganywa n’iri tegeko, kumenyesha ko inyandiko yanzwe biba bihagije, ku nyandiko igomba kwishyurwa mu Rwanda, iyo ryakorewe mu gihe gikwiriye, buri ruhande rwose rurebwa n’inyandiko cyangwa ruyifiteho uburenganzira, kandi rigashyikirizwa aho aderesi cyangwa aho asanzwe abarizwa buri gihe, cyangwa se bigakorerwa aho inyandiko yashyiriweho umukono, ahandi hateganyijwe mu nyandiko, cyangwa se ahandi

Article 64: Form of notice

A notice need not be written and it is sufficient if the dishonoured instrument is returned to the drawer or endorser.

Article 65: Notice to prior endorsers

Each person concerned with the instrument and who was legally informed that it is dishonoured, he/she shall be given the same period of time as the bearer of the dishonoured instrument in order to inform prior endorsers.

Article 66: Where the notice of dishonour of a negociable instrument is made

Notwithstanding other provisions of this Law, notice of dishonour of any instrument payable in Rwanda is sufficiently given if it is addressed in due time to any party or person entitled to the instrument, at his / her customary address or place of residence or at the place at which the instrument is signed, or any other place specified by the person concerned by the instrument if he/she has signed it.

Article 64: Forme de la notification

Il n’est pas nécessaire que la notification soit faite sous forme écrite, et le fait que le titre refusé est renvoyé au tireur ou à l’endosseur suffit.

Article 65: Notification faite aux endosseurs antérieurs

Toute personne concernée par le titre et ayant été régulièrement notifiée du refus de ce titre dispose du même délai que le porteur du titre refusé pour en aviser les endosseurs antérieurs.

Article 66: Lieu où la notification de refus du titre négociable est faite

Nonobstant les autres dispositions de la présente loi, la notification de refus du titre payable au Rwanda suffit si elle a été faite dans les délais à toute partie ou ayant droit au titre, soit à son adresse ou à sa résidence habituelle, soit au lieu de signature du titre, ou tout autre lieu indiqué sur le titre, ou tout autre lieu désigné par la personne concernée par le titre si elle y a apposé sa signature.

hateganyijwe n'uwu inyandiko ireba mu gihe yabishyizeho umukono.

Imenyeshya riba rihagije kandi n'ubwo aho abarizwa haba hatandukanye n'ahantu havugwa mu gika kibanza. Imenyeshya rizaba ryakozwe mu buryo bwemewe nirishyikirizwa ku biro by'iposita cyangwa hakoreshejwe ubundi buryo bw'itumanaho bwemewe, ariko hishyuwe amafaranga asabwa, bigakorwa kandi ku munsu wo kwerekana inyandiko ngo yishyurwe cyangwa undi munsu w'akazi ukurikira.

Imenyeshya ntirishobora guta agaciro bitewe n'urupfu rw'uwu ryari rigenewe.

Ingingo ya 67: Ibura ry'imenyekanisha ryanyujijwe mu itumanaho

Imenyekanisha ry'ihakanwa ry'inyandiko ryanyujijwe ku iposita n'ubundi buryo bw'itumanaho byemewe, rikomeza kugira agaciro n'ubwo inyandiko y'imenyeshya yazimira.

Ingingo ya 68: Ubukerererwe bushobora kwihanganirwa

Ubukerererwe bwatewe n'impamvu

A notice shall be sufficient, although the place of residence of such a party is different from the place mentioned in the preceding paragraph. The notice shall be considered to have been duly served if it is deposited at the post office or through any other recognised means of communication, but after payment of the required amount and it shall be done on the day of presentment of the instrument for payment or on the following working day.

The notice shall not be invalid due to death of the party to whom it is addressed.

Article 67: Miscarriage of notice through means of communication

A notice of dishonour of an instrument which is duly addressed through post office and any other recognized means of communication shall continue to be valid even if the notice of dishonour disappears.

Article 68: Excusable delay

Delay due to reasons beyond the control of the party serving the notice shall be excused

La notification suffit même si le lieu de résidence diffère de celui indiqué à l'alinéa précédent. La notification est réputée avoir été dûment signifiée si elle est déposée, port payé, à un bureau de poste ou par tout autre moyen légal de communication et ce, le jour de la présentation du titre au paiement ou le jour ouvrable qui suit.

Le décès du destinataire ne rend pas la notification caduque.

Article 67: Perte de notification transmise par voie de communication

La notification de refus du titre par voie postale ou par tout autre moyen légal de communication reste valable même en cas de perte de la notification.

Article 68: Retard excusable

Le retard dû aux circonstances indépendantes de la volonté de l'auteur de la notification est

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

zidaturutse ku bushake bw'ukora imenyasha, burihanganirwa iyo bigaragara ko bitaturutse ku makosa ye.	in case it is evident that it has not emanated from his/her defaults.	excusable lorsqu'il ne lui est pas imputable.
Mu gihe impamvu y'ubukerererwe itagihari, hashobora gukorwa ibishoboka byose kugira ngo imenyasha rikorwe.	In case the reason for delay no longer exists, all possible efforts may be considered for the notice to be served.	Lorsque la cause du retard a disparu, il y a lieu de faire diligence pour faire la notification.
<u>Ingingo ya 69: Imenyekanisha riba ritakiri ngombwa ku wishyurwa</u>	<u>Article 69: Dispensation from notice to payee</u>	<u>Article 69: Dispense de notification à l'égard du bénéficiaire</u>
Ntibiba bikiri ngombwa gukora imenyasha iyo:	Notice of dishonour is dispensed with where:	Il y a dispense de notification de refus lorsque:
1° hakoze ibishoboka byose ariko imenyasha ryateganyijwe muri iri tegeko rikaba ridashobora gukorwa cyangwa se ntirigere kuri nyir'inyandiko cyangwa uweguriye undi inyandiko bagombaga gukurikirana;	1° after the exercise of reasonable diligence, notice as required by this Law cannot be given to or does not reach the drawer or endorser sought to be charged;	1° malgré les diligences nécessaires, la notification prévue par la présente loi ne peut être faite ou ne parvient pas au tireur ou à l'endosseur obligé;
2° abo bireba banze imenyasha mu buryo buziguye cyangwa butaziguye.	2° by waiver by concerned parties whether express or implied.	2° il y a renonciation expresse ou tacite par les parties concernées.
Kwanga imenyasha bishobora kuba mbere y'itariki imenyasha rigomba gutangwaho cyangwa nyuma y'uko uwo bireba ananiwe kubikora.	Notice of dishonour may be waived before the time of giving notice has arrived or after the omission to give due notice.	La renonciation peut intervenir avant la date où la notification de refus doit être faite ou postérieurement à son omission.

Ingingo ya 70: Imenyekanisha riba ritakiri ngombwa kuri nyir'inyandiko

Article 70: Dispensation from notice to drawer

Article 70: Dispense de notification à l'égard du tireur

Nyir'inyandiko ntashobora kwitwaza ko atamenyeshejwe ko inyandiko ye yanzwe iyo :

The drawer shall not invoke the fact that he/she was not given notice of dishonour of his/her instrument where:

Le tireur ne peut se prévaloir qu'il n'a pas été notifié du refus de son titre lorsque:

1° nyir'inyandiko ari na we wishyurwa;

1° the drawer is at the same time the payee;

1. le tireur est en même temps le bénéficiaire;

2° uwishyura inyandiko atigeze abaho cyangwa adafite ubushobozi bwo gukora amasezerano;

2° the drawee is a fictitious person or a person not having capacity to contract;

2. le tiré est une personne fictive ou incapable de contracter;

3° nyir'inyandiko ari nawe wayeretswe kugira ngo habe ubwishyu;

3° the drawer is the person to whom the instrument is presented for payment;

3. le tireur est la personne à qui le titre est présenté pour paiement;

4° nta nshingano uwishyura cyangwa uwemera inyandiko afitiye nyir'inyandiko zo kuyemera cyangwa kuyishyura;

4° the payer or the acceptor is under no obligation towards the drawer to accept or to pay the instrument;

4° le tiré ou l'accepteur n'est pas obligé envers le tireur d'accepter ou de payer le titre;

5° nyir'inyandiko yarasabye ko inyandiko imugarukira.

5° the drawer has countermanded the instrument.

5. le tireur a ordonné le retour du titre.

Ingingo ya 71 : Kutemerwa kw'inyandiko ntegekabwishyu mvamahanga

Article 71: Dishonour of foreign bill of exchange

Article 71: Refus d'une lettre de change émise à l'étranger

Inyandiko ntegekabwishyu mvamahanga bigaragara ko yanze kwishyurwa igomba

Where a foreign bill of exchange appears on the face of it to have been dishonoured by

La lettre de change émise à l'étranger qui, manifestement fait l'objet de refus de

Official Gazette n° 52 bis of 28/12/2009

kugira inyandikomvaho yemeza ko itishyuwe ikozwe mu buryo bukurikije amategekako igaragaza ko yanzwe. non-payment, it must be duly protested for non-acceptance. paiement, doit être accompagnée d'un protêt établi en bonne et due forme qui atteste sa non acceptation.

Inyandiko ntegekabwishyu mvamahanga yanze kwishyurwa kubera ko itigeze mbere hose yemerwa, igomba kujyana n'inyandikomvaho yemeza ko itishyuwe yujwe ku buryo bwuzuye igaragaza kutishyurwa kw'inyandiko ntegekabwishyu yemewe. A foreign bill of exchange that has been dishonoured due to its previous non-acceptance shall be accompanied by an authentic duly protested document indicating non-payment of a valid bill of exchange. La lettre de change émise à l'étranger qui a fait l'objet de refus de paiement pour n'avoir pas été auparavant acceptée doit être accompagnée d'un protêt en bonne et due forme attestant le défaut de paiement du titre en dépit de son caractère régulier.

Inyandiko ntegekabwishyu mvamahanga yemewe ku buryo butuzuye ikorerwa inyandikomvaho ku gice gisigaye. A foreign accepted bill of exchange only as to its part shall be protested against as to its balance. La lettre de change émise à l'étranger qui a été partiellement acceptée fait l'objet d'un protêt pour la partie non acceptée.

Ingingo ya 72: Kutemerwa kw'inyandiko icuruzwa yakorewe mu Gihugu

Uwitwaje inyandiko icuruzwa y'imbere mu gihugu yanze kwishyurwa ashobora, abonye ari ngombwa, kuyishyirishaho umukono mpamo no kuyijyaho impaka kubera kutemerwa cyangwa kutishyurwa. Si ngombwa ariko kuyishyirishaho umukono cyangwa kuyijyaho impaka kugira ngo hatangwe ikirego k'uwategetse ko yishyurwa cyangwa abategetse ko yishyurwa bashyizeho umukono wabo inyuma.

Article 72: Dishonour of an instrument made within the country

Any bearer of a negotiable instrument made within the country which has been dishonoured may, if necessary, cause it to be noted with authentic signature and protested for non-acceptance or non-payment. However, it is not necessary to cause it to be signed or protested in order to file an action against the drawer or endorsers.

Article 72: Refus d'un titre négociable émis au pays

Tout porteur d'un titre négociable émis au pays peut, le cas échéant, le faire authentifier ou protester pour défaut d'acceptation ou de paiement. Il n'est toutefois pas nécessaire de le faire signer ou protester pour intenter une action contre le tireur ou les endosseurs.

Ingingo ya 73: Inyandikomvaho ry'iyishyura rikurikiye kutemerwa

Inyandiko icuruzwa yakorewe inyandikomvaho kubera kutemerwa cyangwa uwayikoresheje yisubiyeho ishobora na none gukorerwa inyandikomvaho ishingiyeye ku kutishyurwa.

Ingingo ya 74: Inshingano zijyanye no kwemera inyandiko icuruzwa

Uwemeye inyandiko, yiyemeza kuyishyura hakurikijwe ibikubiye mu byo yiyemereye.

Ingingo ya 75: Kutisubiraho

Uwemeye inyandiko icuruzwa ntashobora kwangira uyitwaje bitewe n'impamvu z'umukono mpamo n'iz'ubushobozi bwo gutegeka ko inyandiko icuruzwa yishyurwa.

Ingingo ya 76: Uwatanze inyandiko

Uwataze inyandiko yishyurwa :

- 1° asezeranya ko, mu gihe izerekanwa mu buryo bukurikije amategeko, izakirwa kandi ikishyurwa ku gaciro

Article 73: Subsequent protest for non-payment

A negotiable instrument that has been protested for non-acceptance or of which protest for non-acceptance has been waived, may be subsequently protested for non-payment.

Article 74: Engagement by acceptance of a negotiable instrument

